# Ubumwe n'Imana

Jeffersonville, Indiana, USA

11 Gashyantare 1962

1 Urakoze, Mwenata, Ormar. Uwiteka aguhe umugisha. Mwaramutse nshuti zanjye. Ni byiza kongera kuba hano mu rusengero iki gitondo. Gusa nari mpagaze hariya inyuma, nteze amatwi, ubwo nazaga, ubuhanuzi bwavugwaga mu buryo bw'indimi, nuko nkurikirana ubusobanuro. Kandi nabwiye abantu bo muri icyo cyumba kandi bari buzuye, navuze nti, "simbyumva; hashize igihe kirekire mvugishije uyu mugabo!" (yari mwene Data Gigginbotham, niba ntibeshye.) Ukwezi kurarenga kuva twahana ikiganza. Ariko ibyo ni byo ndiho mvuga, ibyo yavuze iki gitondo, nibyo ndi kuvuga; We ntiyabimenye. ibyo nari ngiye kuvuga. Najye ubwanjye, sinari nabimenye. Kandi ibyo ni byo, yavuze. Rero, tunejejwe no kumenya ko duteranye mw'Izina ry'Umwami Yesu, kandi mu bwugamo bw'amababa Ye.

2 Noneho, ndabona benshi bahagaze, icyumba kiruzuye kandi kiratsitse, kandi iyo tubibonye biratubabaza ni ukuri. Kandi, vuba bidatinze tugiye guhindura hano urusengero runini cyane. Rero, ndashaka kumenyesha i Phoenix, igitaraganya.

Icyumweru gishize nari ndi hano, navuze ku mutwe w'icyigisho cyitwa "Ubusabane aho… mbere y'iteraniro ry'ubusabane. Ubusabane, si ugufata umutsima, "gusabana" bisobanura "kubwira, gusubiza, kuvugana n'undi muntu."

Kandi iki gitondo cya none, niba ndi muremure cyane buhoro, rero, muhe ibyicaro abahagaze, ibyo turabishima; mureke abandi nabo bicare igihe gito. Nshishikajwe n'iki gihe turimo.

Ndashishikaye cyane, cyane. Iyo mbona ibiri kuba, hari ikintu muri njye cyakangutse. Kandi ndashaka gusa gufata igihe cyanjye ngo ngerageze ku…

3 Ubutumwa bw'iki gitondo ngiye kuvugaho ni "Ubumwe". Kandi... ndashaka gufata igihe cyanjye ngo ngerageze kubishungura mu buryo bwose bweruye, bijyanye n'ubumenyi bwanjye. Mbese nkeneye amasengesho yanyu nk'uko muteraniye hamwe.

Kandi rero, ndashaka ko murambura, niba mufite Bibiliya kandi mukaba mushaka kujyana nanjye, ku gice cya 1 cy'Abaheburayo, ubwa mbere. Kandi ndashaka gusoma imirongo itatu ya mbere y'igice cya mbere cy'Abaheburayo, nuko hanyuma Itangiriro 1:26 na 27, tubyegeranye hamwe. Kandi ntawabasha kuvuga igikwiriye keretse Imana imufashije kukivuga. Kandi nibwo butumwa bw'iki gitondo, bw'ubumwe bw'abantu n'Imana. Rero, Abaheburayo, ku gice cya 1, ibi tubisome.

> *Kera Imana yavuganye na ba sogokuruza mu kanwa k'abahanuzi mu bihe byinshi no mu buryo bwishi, Naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye natwe mu kanwa k'Umwana wayo, uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wa byose ari we yaremesheje isi. Uwo kuko ari ukurabagirana k'ubwiza bwayo n'ishusho ya kamere yayo, kandi akaba ari we uramiza byose Ijambo ry'imbaraga ze, amaze kweza no gukuraho ibyaha byacu yicara iburyo bw'Ikomeye cyane yo mw'Ijuru.*

Kandi noneho, mw'Itangirio, ku gice cya 1, umurongo wa 27, 26 na 27, ndasoma.

Imana iravuga iti

> *"Tumere umuntu agire ushusho yacu ase natwe, atware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose, n'igikururuka hasi cyose.*
>
> *Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye. Umugabo n'umugore ni ko yabaremye.*

4 Rero, reka twubike imitwe yacu mu mwanya muto tugiye gusenga. Kandi nzi neza ko haba hari ibyifuzo byinshi mw'iteraniro ringana gutya, akenshi, tuzamura ibiganza byacu ku Mana; ufite wese icyifuzo, maze noneho kubw'icyo yerekana ko dufite icyo dushaka gusengera. Buri wese muri mwe Imana ibimuhe.

Mwami, twateraniye munsi y'iki gisenge cy'uru rusengero kandi turashimira cyane kugira igisenge hejuru yacu uyu munsi, ariko intego yo guterana kwacu irenze ibi. Dutekereza ko kubw'Isezerano ry'Imana ko duteraniye munsi y'amababa y'Ushobora byose. Kugira ngo we, nkuko inkoko ibundikira imishwi yayo, aturinde, atugaburire maze aduhe umutsima wa buri munsi, uyu munsi, yaba mu mwuka no mu mubiri, kugira ngo imibiri yacu ihabwe imbaraga ibashe kugendera kw'isi, kandi kugira ngo imbaraga z'ubuzima bw'Umwuka Wera ngo bushobore gutwara Ijambo ry'Imana ubwoko bufite inzara. Kandi kugira ngo tuve hano biri mu minwa yacu no mu mitima yacu, hamwe n'amavuta mashya yo gusigwa maze tubashe kubwira abandi igihe turimo, kandi Imimerere y'igihe. Yoo, Mana, turakwiyeguriye twese. Nta handi ho kujya. Turiyumva nka Petero, urya munsi ubwo Yesu yavuze ati: "namwe murashaka kugenda?"

Yaravuze ati, "Mwami, twakuvaho tukajya he? Ko ari wowe gusa ufite Ubugingo bw'Iteka." Kandi niyo mpamvu, iki gitondo, duteranye mw'Izina ryawe, kuko ari wowe gusa ufite amagambo y'ubugingo

buhoraho. Kandi natwe turasenze ngo ubigaragaze kuri buri wese uyu munsi, kugira ngo imitima yacu igurumane muri twe; ubugingo bwacu bukomezwe, imibiri yacu ikire, imyuka yacu ikire, ubugingo bwacu buhindurwe bushya, mw'ishusho Imana ishaka ko tugira.

5 Data, turagusabye ngo ukomeze abahagaze muri iki cyumba bazengurutse inkuta, no murwinjiriro hose. Ndasabye ngo ubakomeze. Kandi ko ibi biri gufatwa kuma bande bikazajya mu mahanga yose, aho mu bihugu n'amoko yo kw'isi, Yoo Mana, turakwiringiye byimazeyo. Gusa duhe imbaraga kandi ijambo, no gusigwa kugira ngo ibyo bibe nk'uko ubishaka muri iki gihe. Ubu noneho Turakwihaye, kugira ngo ukorere muri twe. Korera muri twe, maze ugaragaze ubwiza bwawe muri twe. Kuko tubisabye mw'Izina rya Yesu, Umwana wawe. Amen.

6 Ijambo "ubumwe" risobanura "kuba umwe na." Kumwe, hamwe. Kandi noneho, ni ingingo nkuru, kandi ibyo bikeneye kumvikana neza kurenza uko nabisobanura, kandi nta muntu wo kuri iyi si wabibasha. Ariko ndifuza kugaragaza ibitekerezo byanjye aho hamwe n'icyo Imana itugenera. Rero, muri ibi, bishimangira ukwigisha inyigisho shingiro. Kandi kuri benata bashobora kumva iyi bande, ndizera ko kitazaba igisitaza, ahubwo kizabahatira gusenga no kubiha agaciro. Kugira ngo mubashe kubyiga mu gusenga, n'ubwitonzi hamwe no kubigera ku munzani w'Ijambo ry'Imana, kugira ngo murebe niba ibyo ari iby'Imana cyangwa atari ibya yo.

Kuko nizeye ko uko ari ko dukwiye gukora igihe cyose, tukagera ibintu kw'Ijambo, kubera ko Ijambo ari cyo kintu cyonyine kizahoraho. Yesu yaravuze ati, "Ijuru n'isi bizashiraho, ariko Ijambo ryanjye ntirizashira na hato." Niyo mpamyu ndyizera, kandi nizera ko ari gahunda y'Imana. Kandi nizera ko ari umurimo warangiye w'Imana wanditse mw'Ijambo. Niyo mpamvu, niba ikintu cyaba gihabanye n'iryo Jambo ry'Imana, ntigishobora kuba ari icy'Imana cyangwa gahunda y'Imana. Nizera ko ari ryo gahunda y'Imana. Rero, Umwuka w'Imana ubeshaho Ijambo, kandi rikagaragara. Ubeshaho Ijambo nk'imbuto.

7 Rero, umugabo wa mbere hamwe n'umugore mu ngobyi ya eni, bariho mu bumwe butunganye n'Imana, kugeza ubwo, Imana Yamanukaga, iyo Yashakaga kuvugisha imbo nkubone Adamu na Eva. Rero, ubwo ni bwo bumwe butunganye. Imana hamwe n'ikiremwa cyayo, Imana ikavugisha amaso ku yandi Adamu na Eva. Kandi bari bariho mu bumwe butunganye hamwe n'Imanak'uburyo bari Umwe n'Imana. Imana hamwe n'umuryango wayo bari umwe.

Buri mugabo hamwe n'umuryangowe, umuryango ukwiye, mwiza, imfura, umuryango wubaha, ni bamwe. Buri muryango wose. Kandi niba mu muryango ikintu runaka gitandukanya abantu, bivuze ko bidakwiye; uwo muryango uba wangiritse ahantu runaka. Bose bagomba kuba umwe: umugabo n'umugore, umugore hamwe n'umugabo, abana hamwe n'ababyeyi, ababyeyi hamwe n'abana, bose mu bwumvikane. Kandi iyo mubonye ibyo, muba mubonye ishusho nziza.

8 Iyo ni yo ntego y'Imana. Kandi Intego ye nka Data, w'ikirenga, yari kuba umwe n'umuryango wayo, umuryango wo kw'isi, Adamu na Eva. Kandi inzira imwe bashoboraga kuba umwe n'umuryango, cyangwa hamwe n'Imana, ni ukubera ko

Kamere y'Imana yari muri bo, rero ibyo byabagize kuba bari bafite muri bo Kamere y'Imana, mbese buri wese n'undi hamwe n'Imana, bose bahindutse umwe. Ese, ntibisa neza? Imana mu muryango wayo, Data hejuru ya byose, w'Ikirenga! Nta rupfu, nta gahinda, ntaguhagarika imitima, nta kintu; umunezero gusa utavuga; nta burwayi, nta guhagarika umutima, umwe gusa n'Imana. Mbega ishusho! Kubera ko, Kamere yose y'Imana yari muri abo bantu. Kandi niyo mpamvu, ibyo bakoraga, bakurikiraga umurongo hamwe n'Imana, maze Imana hamwe na bo ibagira umwe.

9 Noneho, Yesu yasenze muri Yohana, igice cya 17 hamwe n'umurongo wa 11, kuri wowe uri kwandika ibyandikwa by'ishuri ryo kucyumweru. Mfite byinshi muri byo muri iki gitondo. Yohana 17:11, Yesu yasenze kugira ngo Itorero hamwe nawe babe Umwe nk'uko We na Se bari umwe, kugira ngo itorero, twe nk'ingingo z'umubiri wa Kristo, tuba umwe nk'uko We na Data bari umwe. Kandi uwo munsi tuzamenya icyo yari cyo muri Data, nako Data muri We, kandi We muri twe, kugira ngo tube umwe. Mbega ubumwe! Mbega ubumwe buzabaho, kubona Imana mw'Itorero ryayo, kugeza ubwo buri rugingo rutunganye neza, hamwe n'izindi hamwe n'Imana. Iryo ni ryo torero Yesu aziye. Aho rero niho Isengesho rye rizasubizwa, kuko tuzaba umwe.

10 Kandi urufatiro rumwe rw'ubusabane Imana yigeze ishyiraho kubwa yo hamwe n'itorero ryayo, ni ubumwe bwayo mu bantu. Icyo nicyo kibuga cy'ubusabane. Kandi uburyo bumwe bwo kubasha kugira icyo kibuga ni ubumwe, kuba umwe na we iteka ryose. Neza nk'iyo ubaye umwe n'umugabo wawe, umugore kuba umwe n'umugabo we, ni indahiro kugeza ku gupfa. Ubwo Rero, iyo mubaye umwe n'Imana, ni kimwe n'itorero ryiyunze na Kristo, ni urupfu ruzadutanya. Rero, niba mutarigeze mukora icyaha cyangwa gukora ikibi cyose, muzaba umwe n'Imana iteka ryose. Kandi urupfu ni rwo gusa rushobora kubajyana kure y'Imana, kandi si urupfu rw'umubiri, ahubwo Icyaha cy'urupfu. Icyaha ni urupfu, kandi icyo kibajyana kure y'Imana. Rero, kuba umwe na yo mu mwuka w'Imbaraga ze, ni ubugingo bw'Iteka, muri umwe n'Imana iteka ryose. Yoo, nshaka kubigeraho mu mwanya muto. Kuba iteka ryose umwe n'Imana y'iteka, mu bumwe butunganye na yo, mu bumwe butunganye hamwe, itorero rwose, Imana

n'itorero ryayo n'umwe hamwe.

11 Kandi, murebe uko Eva yari umwe na Adamu, yahindutse urugingo rwe. Imana, niba mwabyitayeho mw'Itangiriro 1:27, yaremye umugabo n'umugore, ni uko yabaremye. Nuko, umugabo yari umugabo n'umugore icyarimwe ubwo yabagaho mu mwuka, agira umwuka wa kigore na kigabo. Rero, Imana ifata urubavu mu mbavu ze. Ese mwari muzi ko umubiri wari ikibumbe gikuwe mu kindi ahubwo atari umwuka? umubiri w'umugore wari ikibumbe kitari umwimerere, nyuma yuko kuremwa kwari kwarangiye, Imana yafashe mu mbavu za Adamu urubavu iruhindura umugore. Ariko si umwuka, umwuka wari igice cya Adamu, kuko yari umugabo n'umugore icyarimwe, umugo… imvugo y'umwuka, icyarimwe umugabo n'umugore.

12 Noneho, ntimubona ishusho nziza cyane? Mu mubiri, turatandukanye. Turi nk'ikiremwa kitari umwimerere, ikiremwa, ikinyabuzima kubw'ishyingirwa ryera. Ariko mu Mwuka turi abahungu n'abakobwa, si kubw'undi mwuka, ahubwo Umwuka w'Imana nzima. Turi ishusho Ye, mu bumwe na Yo, mw'ishusho itunganye y'Imana nzima, kuko turi abahungu n'abakobwa; batadandukanye, ahubwo umwuka umwe, Imana imwe, Umuntu umwe, twahuriye mw'ishyingirwa ryera kubw'uw'Ihoraho. Murabona uko Imana yateguye icyo tugomba kuba cyo, atari igitandukanye ahubwo We, atari ikindi kiremwa cy'ubundi bwoko, ahubwo ubumwe bw'ukuri kandi kumanuka kw'Ushobora byose, kuwb'ubumwe bwera. Rero, umubiri uva ku mugore n'umugabo, ariko Umwuka uva ku Mana; Imana yigabanya yo ubwayo nk'uko Adamu yagabanijwe.

13 Ku munsi wa pantekote, tubona ko Umwuka wera, inkingi y'umuriro yigabanyije kandi ikajya hejuru ya buri muyoboke w'itorero, Imana irihuza ubwayo! Hanyuma, hamwe n'iryo tsinda riteranye, ibyo bimara iki? Bigarura hamwe Umubiri umwe w'Umwami Yesu. Guterana…..

Kandi uyu munsi, turabona uku gutandukana gukomeye turi mo ubu, itandukaniro ry'amadini n'ibindi, mbega ubuhenebere, mbega ishyano!

14 Ari umwe mw'ishyingirwa ryo m'Ijuru hamwe n'Imana y'iteka, igice cye, igice cy'Imana…. Kubw'umubiri, ndi Branham kubera ko Data, ari Branham. Uhinduka umugabane wa so, ariko mu mwuka duhinduka umwe n'Imana, ni kuba umugabane w'Imana…. Niyo mpamvu umwuka udashobora gupfa. "Unyizera afite ubugingo buhoraho. Kandi nzamuzura ku munsi w'imperuka, afite ishusho afite hano kw'isi." Si umwuka, tuzagira umubiri w'Imana w'Ubwiza, umubiri wahawe ubwiza bw'Umwami Yesu, yazutse muri iyo shusho.

15 Yesu yaravuze, igihe yajyaga ku mva ya Lazaro ati "ni njye kuzuka n'ubugingo. Unyizera, naho yaba yarapfuye, azongera kubaho. Kandi unyizera ntazigera apfa." "Munyizere, atari kuri Jye ahubwo muri Njye.»Kuba muri We, wizera! "Nimuguma muri Njye maze amagambo yanjye akaguma muri mwe." Muri we, mwizera… mbega we! Ndizera ko Umwuka wera abiteye muri We.

Rero, muri umukumbi muto, niyo mpamvu muri iki cyumweru, nambaje nsaba Imana, nahisemo iki cyanditswe, ngo mbereke aho duhagaze. Kubamwizeye, ntimushobora kumwizera keretse mwinjiye muri We, cyangwa We ataje muri mwe; rero uba uyizeye, nibwo muba mufite Ubugingo bw'iteka. Murayizera kugeza muzakira Ubugingo bw'Iteka; mbese ubugingo bw'iteka, ni ubuzima bw'Imana muri mwe, rero muramwizera.

"Mwe muri Njye, na Jye muri mwe, kugira ngo babe umwe, Data, nk'uko Njye naWe turi umwe." Imana na Kristo, Kristo mw'Itorero... murabona? "Nk'ukoTuri umwe, nabo babe umwe.»None ni gute mwabasha kuba umwe? "Ni muguma muri njye, maze amagambo yaNjye akaguma muri mwe….." Murabona, kuguma…. " amagambo ya Njye muri mwe, rero musabe icyo mushaka cyose." Kuko ntimukiri umwe, ni Ijambo riri muri mwe, kandi Ijambo, ni Imana.

16 Noneho, Ijambo ry'Imana ni inkota. Abaheburayo igice cya 4 niko havuga, Abaheburayo 4:12, mbese, ni inkota. Kandi inkota iragimba rwose iyo idakoreshejwe n'ukuboko cyangwa se n'Imbaraga. Kandi ni… ariko hagomba ikiganza cyo gufata iyo inkota. Kandi i…kuyifata… ikiganza gifata iyo nkota ni ikiganza cyo kwizera.

Noneho, icyo kiganza cyo kwizera, biterwa b'imbaraga gifite. Iki kiganza cyo kwizera kigomba kuba gikomeye bihagije ngo ihinguranye umuhora unyuze mu mwijima, maze kikavuga giti "nakijijwe no kwizera" ni igipfunsi gikomeye. Ariko rero niba ari icyo cyose icyo kiganza gifite, nk'imbaraga zo gukoresha iyo nkota, nicyo ishobora gutema gusa. Ariko niba ari ukuboko gukomeye izahinguranya neza icyo satani yazana cyose, kandi izahishura buri sezerano ry'Imana mu mbaraga za yo z'umuzuko. Niba ari ikiganza cy'imbaraga cyo kwizera. "Iminsi y'ibitangaza… Yesu Kristo, uko Yari ejo, niko ari n'uyu munsi, kandi niko Azahora iteka ryose»Izaharura inzira. Ibyo biterwa n'Imbaraga z'ikiganza kiri inyuma y'inkota.

17 Kandi inkota ifite ubugi. Abaheburayo 4, yaravuze ati, "Rifite ubugi buruta ubw'inkota zose, rigahinguranya ndetse kugeza ubwo… Rikagabanya ingingo n'umusokoro kandi Rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira." Ni kure y'ibiriho, Iboneza mu by'umwuka maze Igafa mpiri ibitekerezo by'umutima,

Ikabihishura. Umwuka w'Imana, Ijambo ry'Imana.

Rero, iryo Jambo rizahinguranya aho imbere, niba hari akaboko inyuma ko kurisunika. Rizabona umwanya, maze riteme buri sezerano ryose maze ririguhe, niba ufite ukuboko gukomeye bihagije inyuma yayo. Inkota Muyifate muhagarare aho… ukuboko ko kwizera. Muhagarare aho mushikamye, muhagarare aho ndetse n'imbere y'umwanzi. Ni gute uwo mwanzi utarakebwe ahagarara mu bwiza bw'Uwiteka Imana? Rero, mufate Inkota y'Ijambo, kuko buri sezerano ni iryanyu. Hagarara aho ugire ikiganza cyo kwizera; jya imbere. Niba ukeneye gukira, icyo gitemeshe Ijambo. "Yesu Kirisito, uko yari ejo, niko ari n'uyu munsi, kandi niko azahora iteka ryose." Niba mukeneye agakiza, buri sezerano rya Bibiliya ni iryanyu. Riri muri yo aho, ariko satani agerageza kurihisha; ariko mufate Inkota, maze mureme inzira mu mwijima, kugeza ubwo Umucyo w'Imana urabagirana mu bugingo bwanyu, kandi mufite isezerano. Izabikora.

18 Adamu yari umugabane wa, nako Eva yari umugabane wa Adamu, yari akara ko mu mara ye n'igufa ryo mu magufa ye. Kandi nicyo ubumwe bivuze. Kandi nicyo ubumwe bw'Itorero bivuze, Umwuka w'Umwuka We, Ijambo ry'Amagambo Ye. Nta gutera umugongo Ijambo, umwizera w'ukuri ntazakora akagambane kw'Ijambo na rimwe. Mwibuke, Eva yariganije Ijambo rimwe gusa; ijambo rimwe. Ariko umwizera w'ukuri ntazakora akagambane kw'Ijambo na rimwe. Azafata inkota yo kwizera hamwe… nako kubwo kwizera, inkota y'Ijambo, maze yishyuze buri sezerano ry'Umwuka Imana yasezeranye. Niko biri.

19 Abo bari ibyitegerezo byacu Imana yaduhaye, kubw' icyo tugomba kuba cyo, niko bihora, ntibyigeze bitsindwa. Iyo bavugaga, Imana yarabasubizaga, yabaga maso kubwa bo. Nijoro, iyo baryamaga kugira ngo basinzire, Yarabarindaga. Ku manywa, Yarabayoboraga, Ikabagaburira, Irabakunda kandi Ikagirana nabo ubusabane buhoraho, igihe cyose. Bari mw'ishusho y'Imana, kandi Imana yari muri bo. Ni yo mbarusto y' ubusabane. Nicyo kirema ubumwe, ni Imana mw'Itorero rya yo. Ni bwo bumwe. Nshobora kuvuga byinshi, hari n'imirongo myinshi yo nagenderaho.

Kuba umwe na We, ni Ubugingo bw'iteka. Kandi uburyo bumwe dushobora kuba umwe na We, ni uguhinduka buri mugabane wose w'Ijambo rye (ni ukuri), ndetse no gufata buri sezerano hanyuma ukaryizera.

20 Rero, Eva yari mu bumwe mbere yo kwica Ijambo, cyangwa se mbere yuko ashidikanya kw'Ijambo ry'ukuri. Icyo cyaramutandukanyije; Ijambo ryose, "Umuntu ntazatungwa n'umutsima gusa, ahubwo na buri Jambo ryose»rero tugomba kuba umwe mu Mana, kubera ko Adamu na Eva, mbere yo kugwa, bari ishusho y'icyo tugomba kuba cyo muri We. Kuba umwe na yo, ni ubugingo; gutandukana na We, ni urupfu, mbese niba dukurikiza amateko ye.

21 Turabizi neza ko dukora amakosa, ariko ntimugomba kubyitaho. Si ikosa ryanyu, kubera ko ikibazo atari amakosa, muzayakora buri munsi. Ahubwo, murabona, icya ngombwa ni ukubaha amabwiriza Ye, gukurikiza icyo Yavuze. Ibyo ntaho bihuriye no gutsikira. Umugaragu w'ukuri, nanyerera, azongera abyuke. Igihe yaba yatannye, Imana izamugarura mu nzira, igihe cyose yaba yari mu murongo w'inshingano, ariko niba yari hanze y'umurongo w'inshingano, Imana ntimwitayeho na gato. Ariko igihe cyose ari mu ntabwe z'inshingano, Imana birayireba, yaba umugabo cyangwa umugore. Ishinzwe uwo munntu, igihe cyose ari mu nzira y'inshingano.

22 Noneho, ubu Itorero ryarambagijwe na Kristo kubw'ishyingirwa. Ubukwe ntiburaba; buzaba ari ubukwe bw'Umwana w'Intama. Mbese turabona ko noneho Itorero ryarambagijwe, nk'umugabo urambagiza umugore we. Akora iki mu gihe yarambagije ? Amuha ubwoko bw'ibintu byose; amwohereza impano, akamugusha neza. Nuko, ni cyo Kristo ariho Akorera Itorero rye. Ari kutwoherereza impano z'Umwuka. Ni gute waba wararambagijwe hanyuma ukanga kugaragaza izo mpano? Ni impano y'urukundo. Ni ikimenyetso cy'Imana mw'Itorero rya yo. Yesu yaravuze ati, "Ibyo bimenyetso bizaherekeza abizera."

23 Rero, ibyo ntimubyibagirwe. Itorero rigomba kwizera Ijambo ryose, Isezerano, inyuguti yose, kubwo kubisaba ubwabo, maze bakabishyira mu bikorwa. Niba nari ingaragu, ndetse nkaba nararambagije inkumi, ngomba kugira icyo mwoherereza, impeta y'isezerano. Kandi abaye atayambaye, ibyo byakwerekana ko atanyizera. Nta-ntashaka kunshyingirwa. Mbese, iyo Yesu yohereje Itorero rye impano yasezeranyije, nuko ntibazakire, bakavuga ko bitariho. Ntirikwiye kuba Umugeni wa Kristo. Ni umugeni w'undi mukunzi, ntabwo yaba ari uwa Kristo, Umukwe. Rero, Itorero ry'ukuri ryubaha isezerano, rikubaha yose ndetse ryakira impano Imana yohereje. Ni byiza cyane.

24 Noneho, umuntu wa mbere, yitandukanyije ubwe no kwizera Imana, ashidikanya Ijambo rya Yo, kandi ategera amatwi satani. Rero, icyo ni cyo kintu cya mbere cyabaye inkomyi y'ubwo bumwe. Mwitegereze, Adamu na Eva bari mu mibereho aho bitashoboraga ko bapfa, aho batashoboraga gusaza, habe no kurwara, nta mpungenge.

Uvuga uti, "Najye, iyo mba meze gutyo." Munyemerere… mfite icyo nakubwira, yuko nawe iyo mibereho ari yo nawe utuyemo. Imana yashyize buri kiremwa cyose kw'isi mu mibereho imwe.

25 Ubwumvikane bwari ubuhe? "Nimurinda Ijambo rya Jye. Ijambo rya Jye, ni muririnda, mukaryizera,

kandi nimuryigana…" ariko hambere, igihe Eva yashidikanyije, hanyuma agatakaza Ijambo ry'icyo Imana yavuze, yaburijemo ubusabane bw'ubwo bumwe bukomeye. Kandi igihe Itorero rishidikanyije kw'Ijambo na rimwe rya Bibiliya y'Imana, maze rikaryimura, riba riburijemo ubwo busabane butangaje bwarihawe, ndetse rigahezwa. Igihe cyose babikoze, urupfu rwinjiye mu mubiri upfa, si mu mubiri upfa gusa, ahubwo n'umuntu-mwuka. Yakuyeho ubumwe bwe n'Imana igihe yashidikanyije. Kandi nta muntu ubasha kwizera…

Dore, nta mugabo, nta mugore usho-ushobora kwizera ikinyoma cya satani atabanje gushidikanya k'Ukuri kw'Imana. Nta wabasha kwizera ikinyoma cya satani atabanje gushidikanya k'Ukuri kw'Imana. Nuko, murabona? Eva, Adamu, aho bidushyira muri iki gitondo.

26 Noneho, reka dutekereze byimbitse, kubera ko ntituzigera tubasha gutekereza nyuma y'ubu buzima bupfa niburashira ho. Igihe cyo gutekereza ni none. Ntimushobora guhitamo nyuma y'ibi; mugomba guhitamo none, kuko umunsi wo guhitamo… mwihitiremo. Rero… Ijambo rimwe, si umwandiko wose, Ijambo rimwe gusa, yashidikanyije ku Mana, kuko yarizaniwe mu buryo bubi, Ijambo rigirwaho ikibazo. Ijambo ry'Imana ntirisesengurwa, icyo Yavuze ni cyo yashakaga kuvuga byonyine. Ariko yaryibajijeho kubera ko yarizaniwe, ati "Yoo, mu by'ukuri Imana rwose ntiyashakaga kuvuga ibyo."Ariko, nibyo neza yashakaga kuvuga. Ijambo ryose Imana ivuze, ni cyo iba ishaka kuvuga. Kandi Ntiyakenera ibisobanuro byihariye. Ritunganye neza nk'uko yarivuze.

Ni byiza, muvuga muti, " Bibiliya muyizi ho iki.?»Nizera ko Imana yanjye yayoboye iyi Bibiliya, iba maso kw'Ijambo ryayo. Yariziko inzererezi n'abatizerwa bazaduka mu minsi ya nyuma, nuko, hanyuma, Iba maso muri Ryo. Rimeze uko Imana irishaka. Niko bimeze no kuri twe none, mbese tugomba kuryizera. Gukura Ijambo rimwe gusa muri yo ni ugutakaza ubusabane bwacu, no kuboneza mu rupfu, Gutandukana n'Imana iteka ryose, nk'uko Adamu na Eva bagenje. Tugomba kwizera ukuri kw'Imana.

27 Munyemerere maze mfate ibyo na none. Ntimugashidikanye kw'Ijambo na rimwe rya Bibiliya y'Imana. Kandi ntimukavuge muti " Yego, ndaryizera," muvuga ngo "ariko"? Oya, ntakibazo. Ryizere; ryakire. Nurishir iruhande, nuko ukavuga uti, "urabona, itorero ryanjye ntiryizera ibyo muri ubwo buryo," Ubwo rero ntiwizera ko ari Ijambo ry'Imana, kandi utegereje urubanza rumwe nk'urwa Eva. Uba utandukanye by'iteka ryose, igihe, nyamara wari ufite uburyo bwo kwiyunga na Yo. Mbese, Mwibuke, ibyo ntibigirwaho impaka, kuko ryari Ijambo rimwe, irya…. Mw'Ijambo ry'Imana.

28 Kandi, noneho, Iyo Imana igira amagambo make, yo abantu bagombaga kwitondera, kandi rimwe mu Magambo Yayo rikaba ryarasobanuwe nabi bigatera urupfu, nimutekereze noneho amagambo dufite uyu munsi, murabona? Tugomba kwakira Ijambo ryose muri yo, tukayafata maze tukinjira muri yo nk'amasezerano y'Imana. Kandi umugore w'ukuri w'Imana ibyo azabikora, Umugeni warambagijwe kandi w'indahemuka. Nuko, nizeye ko ibyo bintu bito byinjira imbere, mbese ku kugeza igihe dushobora kubisobanukirwa.

29 Ni iki cya mbere cyateye Eva gushidikanya kw'Ijambo ry'Imana? Kubera ko satani yamwijeje ubwenge, "Uzaba umunyabwenge." Rero, murabona, ikiremwamuntu hari icyo gihora gishakisha. Kandi Eva yashakaga kugira Ubwenge burengereye.

Rero, Duhagarare mu mwanya muto. Isi siko imeze muri iki gihe cya none? Barashaka ubwenge bwinshi, icyiciro cyiza, amashuli y'ikirenga, gushaka ikintu gitandukanye, ubumenyi bwinshi. Ni cyo Eva yashatse. Ariko reka mvuge n'ibi, yuko, nta bwenge bwababasha kurenga ubw'Imana. Nyamara kandi, buciye bugufi cyane rwose kuburyo abantu batabubona.

Satani, nkuko mpora mbivuga, arashashagirana, ariko Ubutumwa bwiza Buramurika. Yo! Rwose hari itandukaniro riri hagati yo kubengerana no kumurika. Holly wood irashashagirana, ariko Itorero riramurika hamwe n'imbaraga n'urukundo rw'Imana. Holly wood irashashagirana, hari itandukaniro cyane ryo kubengerana no kumurika. Ntidukwiye kubengerana, ahubwo dukeneye kumurika.

30 Uyu munsi…. (ni bibi cyane gutekereza gutya), ariko amatorero agerageza kugendera ku myumvire yabo, neza nk'uko Eva yabikoze. Yaratekereje kuko yarihawe, byasaga n'ukuri. Yo, ibi ntibibasobe. Ibyo byasaga n'ukuri, ikintu cyabasha kwiyongera ku cyo Imana yavuze. Byasaga nka ho Imana yamuhishe ikintu kirebana n'aho agomba kugarukira. Imana ntiyamuhaye umurongo w'imbibi ntarengwa nk'uko Yabikoze ku nyanja. Kandi inyanja ntiyabasha kurenga inkombe kubera ko ukwezi kurayirinda. Yaribajijje… Yibwiyeko satani ari umuhanga, nk'ukodukunda kuvuga, ko ashobora kuguma mu bumwe n'Imana, kandi ko ari intiti. Nyamara yakabaye yarize neza. Ariko Imana yari yashyizeho, neza neza nk'uko yabishakaga.

Kandi Yashyizeho ikintu kimwe, kw'Itorero. Si ubuhenebere bwa seminari, cyangwa amagambo, cyangwa ubuhenebere bw… buvuye mw'ishuli rya Bibiliya, ahubwo bihuye neza n'ibyanditswe, kandi NIKO UWITEKA AVUZE! Ibyo ntibyahinduka! Ariko amatorero yiga imyumvire bwite yayo. Ba- batekereza ko wenda ko hari… Ko… inyuma yabo hari ikintu cyuzuye, kandi kirashukana.

31 Binsaba gusa guhagarara hano umwanya muto. Isi yose ni byo ishingiyeho. Ubukungu bwose bw'iki gihugu bushingiye ku myumvire mibi. Ngiye kubabwira inkuru isekeje kuri jye. Ariko, murabizi, twese

dukunda abagore bacu, cyangwa se tukwiriye kubakunda. Nakurikiye ikiganiro hano iburengerazuba mu gihe cyashize, hashize igihe cy'imyaka itatu. Igitondo kimwe nari mu cyumba cyanjye, ndabyuka kandi nari mfite Televiziyo mu cyumba cyanjye. Nuko mvuga nti "bisa nk'aho hari ikirere kibi." Maze ndatekereza nti "Ni byiza, saa mbiri zuzuye ni Amakuru." Nuko mfata agatabo ngendana, handistemo ko amakuru avugwa mu gihe runaka.

Mu mwanya w'Amakuru, Nacanye Televiziyo, maze ubwo numvaga amakuru, nuko barayarogoya barayahagarika kugira ngo banyuzeho kwamamaza igicuruzwa runaka. Maze baravuga bati " bagore ntibikiri ngombwa koza ibyombo byanyu ukundi. Ikintu kimwe mukora gusa nu ukwinika mu mazi, mukategereza iminota ibiri maze, mukabikuramo mu kabibarika gusa ku gatanda. Ibyo gusa."

Naravuze nti " Ndahinduka intwari, ninsubira iwanjye." icyo gicuruzwa, Nacyanditse kuruhande. Ndavuga nti " ndabwira umugore wanjye, nti " Reba icyo mbashije gukora!"

Nuko, naragiye ngura icupa ry'uwo muti, maze ndawusuka mu mazi. Mubwira gukomeza gukubura mu nzu, yuko ngomba kubimukorera. Nuko nafashe amasahani y'abana, ariho ubuvungukira bwinshi, n'ibindi, n'amagi yumiyeho, maze ndayinika hasi mu mazi, maze ndabireka, nicara iminota mike, hanyuma nbikuramo mbishyira aho. Byari bikiriho amagi menshi kuri, nk'uko nabishyizemo bimeze. Murabona, na-natakaje icyizere… umugore wanjye yakabaye yarantakarije icyizere icyo gihe.

32 Murabona? Kubera iki, igihugu…. Kubera iki icyo… iki gihugu kirareka bakabeshya abantu? Kuvuga kuriya, Ibyo ntibikwiye kwemerwa. Binyuranyije n'amategeko. Kandi ibyerekeye kwamamaza itabi, mbega ishyano, "Kudakorora mu modoka." Ubwoko bwose bw… mbese, ibyo ntibikwiye kwemerwa. Ibyo bikora iki? Birashuka. Ryose ririmo urupfu ruri. Kunywa Wiski harimo urupfu; guhohotera, ubwicanyi, icupa ribamo ubupfapfa. Nyamara tukemera kubishyira muri gahunda za Televiziyo zacu, hanyuma tukabyamamaza, bavuga ubwoko bw'ibinyobwa runaka by'inzoga, n'ibisindisha bati "Ikinyobwa cy'abagabo. Umunezero mwishi ku buzima" ibyo n'iki? N'ubushukanyi. Iri gushyira ikintu ku karubanda cyo kwiyica. Kandi twemerewe kubikora.

33 Munyemerere mbisubireho. Amatorero, kubw'ibihimbano by'abantu, n'inyigisho za kimuntu, biri kwereka abantu uruhande rwiza rukomeye maze bakagwa bakabizira ; Ni urupfu. Nta torero na rimwe rizeza ubugingo bwawe. Nta nyigisho yabasha kweza ubugingo bwawe. Keretse gusa Amaraso ya Yesu Kwisto yabasha kweza ubugingo bwa we, Imana ni igisubizo. Ishobora kweza ubugingo bwawe.

Rero, ni ikinyoma, nyamara bitwaza imyumvire y'abanyabwenge, kandi ikabahitana. Kandi abantu uyu munsi, bigana imyumvire y-y'inyigisho n'amadini, na za miliyoni, bameze nk'ingurube zijya kubagwa, zirindimukiye mu mworera muremure w'ikuzimu, kubagwa. Mbega ikimwaro! Tubujijwe kwishingikiriza ku myumvire yacu. Ntitwabasha no kugerageza.

34 Muvuga muti, "Inama y'abagabo ntiyabivuga neza cyane, kurenza umuntu umwe?" Oya, niba uwo muntu avuga Ijambo ry'Imana. Habayeho abahanuzi magana ane igihe kimwe, bazanywe imbere y'abami babiri, kandi bagendeye ku mumvire ya bo. Ariko hariho umwe wagumanye gusa n'Ijambo ry'Imana kandi byahamije ko yari mu kuri, yari Mikaya. Biterwa niba ari Ijambo ry'Imana cyangwa se ikindi. Ikintu cyose gitandukanye n'Ijambo, ni ikinyoma, kandi gitera urupfu. Nta bwenge bwaruta ubwenge bw'Imana. Niwe munyabwenge urenze abandi banyabwenge. Niwe… Isoko. Niwe soko y'ubwenge yonyine. Ijambo ry'umuntu ryose n'ubupfu n'ikinyoma, keretse Ijambo ry'Imana. Kandi iry'Imana., niba ritandukanye n'iry'Imana. Rero, niba umuntu ari kuvuga ijambo ry'Imana, ubwo rero si ijambo ry'umuntu ukundi, ni Ijambo ry'Imana. murabona? Si imyumvire y'umuntu

35 Satani azarema ubwoko bwose bw'amasezerano kuri mwe, ariko ntacyo kubaha afite, kuko ntacyo agira. Nta gakiza agira. Satani ni nde? Igihabanye n'Ijambo cyose. Ntagakiza agira. Nta mucyo afite. Ubwami bwe ni umwijima; iherezo ryabyo, n'urupfu. Umwijima, hamwe n'urupfu ni ubwami bwa satani. "Bisubiremo mwene Data Branham. Ubwami bwa satani ni iki?" ikintu cyose gitandukanye n'Ijmbo ry'Imana.

Rero, birakomeretsa ariko ni igihe cyo gukomeretsa. Murabona? Ishami, igiti, niba kigomba kwera imbuto, ni ngombwa ko gikonorerwa. Ni cyo gihe.

Ikintu cyose gitandukanye n' amahame y'Imana, Ijambo ry'Imana, si Imana. Ni iki, icyaha n'iki? Ugukiranuka gucuritse. Urupfu n'iki? Ubuzima bucuritse. Ubwami bwa satani ni iki? Ikintu cyose gishyiraho igisimbura umwanya w'Ijambo, iki ntu cyose, inyigisho yose. Ijambo rimwe, Ijambo rimwe gusa. Ni ngombwa kuryizera ryose. Eva yizeye byose muri byo, usibye iryo Jambo ryo nyine. Gushidikanya kuri iryo gusa, birahagije kuri ryo. Birabahagije kutizera iryo Jambo ryonyine gusa.

36 Noneho, reka icyo tukirebe. Uburyo bumwe bwo kuguma mu busabane bw'Ijuru, byari ukwitondera ryo Jambo. Imana yaravuze iti " Uzakora iki, ntuzakora iki. Uzakora iki, kandi ushobora gukora iki na kiriya. Ariko ntugakore iki." Rero, agace gato gusa batakurikije, Kangirije ibintu byose. Kubera ko yakoze icyo, yateye abana bose inzara mw'isi, umubabaro wose w'urupfu, intimba yose, guhagarika umutima

kose. Ibyo yabikoze icyo gihe. Mbega ikintu giteye ubwoba, kutizera Ijambo ry'Imana. Buri muntu wese unihishwa n'umubabaro wa buri rupfu rwigeze kubaho cyangwa ruzabaho, ni kubera ko yakoze ibyo bintu kirya gihe, abana bose bavuka…ari ibibyarwa, icyaha cyose cyigeze gikorwa, niwe wabiteye kirya gihe yarinze Ijambo ryose aho, ariko gato hano. Yashyize mu gaciro. Ntiyamenye ko… Yarazi ibyo, ariko …Yari yatojwe gukora ikintu cyiza kubera ko yari yijejwe umwanya ukomeye mu bantu, ubuhanga bwiza, mu kumenya byinshi, iyo abikora. "Abakozi b'Imana bacu bize amashuli y'ikirenga. Dufite istinda rikomeye ry'abantu."

Nta tsinda ry'abantu rihebuje mw'isi, ritari abubaha Ijambo ry'Imana. Ni bo bahebuje. Ni bo bahebuje. Ni bo bahebuje, Imana yitaho. Na none, mu gihe gito, wenda Imana nitwemerera kubiheraho.

37 Ubwami bwe ntibubasha gusezeranya ikindi, usibye urupfu. Ni cyo gusa afite. Ni we mutware w'urupfu. Ashobora gusezeranya ikinyoma, kubera ko ni se w'ikinyoma. Ntiyabasha kubaha ubugingo. Ntiyabasha kubaha Ijuru, nta Juru agira ryo kubaha.

Mubitekereze namwe. Ijambo rimwe, kutizera Imana, kubera isezerano rya satani cyangwa amayeri ye, Ijambo rimwe gusa, rikujyana mu kubabazwa… Ni muri ubwo buryo ryatangiye. Kandi niba Imana, mu mbabazi zayo nk'uko Iri, yohereje uruhuri rw'imibabaro kw'Isi, maze bigatera imfu z'abana banshonje, ubwoko bw'imibabaro yose, abantu bicwa n'inzara kandi urupfu kw'isi, kubera Ijambo rimwe gusa. Mw'itangiriro, ntiyabashije gutera akajisho kuri ibyo ngo azitire urwo ruhuri rw'imibabaro? Ntiyari kuba atarakoze ibyo? Niba rero Itarababariye Ijambo rimwe kirya gihe, niwo musaruro uzaba, ni kangahe cyane Itazababarira Ijambo rimwe hariya, igihe umwe gusa utizeye agiye kubabara wenyine. Bitekerezeho, ni ikintu giteye ubwoba.

38 Noneho, ubwo Adamu na Eva bumvise ikinyoma cya satani, Ubwiza bw'Imana bwababavuyeho, ubusabane bwabo n'Imana bwarangirijwe. Ubusabane bw'ubumwe bwabo n'Imana byarangirijwe. Mugihe batangiye kumva ikinyoma cya satani, ibyo byabereye inkomyi ubusabane bwabo. Umunota utegeyeho amatwi ikinyoma cya satani, birimbura ubusabane bwawe. Ni cyo gihe uva mu bwiza bw'Imana, nk'uko yabikoze, ni igihe wananiwe gufata ijambo ry'Imana nk'uko riri.

39 Mukurikire noneho, ndifuza kugira icyo mbabaza. Twizera ko hariho Imana. Kandi niba Imana ikiranuka kw'Ijambo rya yo, kandi yaragambiriye gucira abantu urubanza ikoresheje Ijambo ryayo. Ubwo rero, Igomba gutegura Ijambo, ryo gucira abantu urubanza, ahantu runaka. Kandi ni Bibiliya. Ibyo ntitubyibagirwe. Imana izacira abantu urubanza ikoresheje Ijambo, kubera ko Ivuga mu Byahishuwe 22 iti, "Uzakuraho Ijambo rimwe muri ryo, cyangwa kongera ijambo rimwe kuri ryo."

Murabona, ntimuvuge gusa muti "Mbese, ngiye kurusengero. Nizera Imana." nyamara, amadayimoni yose y'ikuzimu, yizera Imana. Yose arasenga, yose.

40 Ariko, Ijambo rimwe gusa rirahagije ngo rihere ko ririmbura ubusabane. Ingoyi, ikomera ahantu horoshye kuri yo. Aho muri abanya ntege nke cyane, mushidikanya kw'Ijambo ry'Imana, aho ni ho mukwiye gushyira igihato gishya ahasigaye hose. Niba mwizeye ko Yesu -Kristo yakijije, rero, ugomba gushyira igihato aho, yuko Akiza. Niba, mwizeye uko Yahoze. Mugomba kwizera ko Ariho, Haleluya! Niba wizeye ko Yariho, kandi mukibaza niba Ariho, icyo gihato kizahubuka, hanyuma muzimire. Murabona icyo nshaka kuvuga? Birakomeye, biraremereye, ariko ni ukuri. Mugomba kumwizera, Ijambo ryose, icyo yavuze cyose.

41 Noneho, ushobora kuvuga uti, "Nibyiza, noneho se, Mwene Data Branham, ariya madini yo ibyayo bimeze bite? Rero, Ni mvumve. Niba bemeranya n'iri Jambo, ni byiza cyane. Ariko niba bahakana iri Jambo, ubwo rero si byiza, ni satani na none. Murabona?

" Ririya torero ryo bimeze bite?" Ibirebana na ririya torero, Sinabimenya. Ntakindi nzi, usibye iri Jambo. Rero, ni gute uzizera itorero mu gihe hari amadini magana cyenda cyangwa arenga, kandi buri ryose rivuga riti "Idini ryacu rifite ukuri byuzuye?"

Noneho uzajya he? Ukwriiye kugira ikintu ushyiramo kwizera kwawe. Dore, uvuga uti "Mfite ukwizera Mu bametodiste, Mu babatista, Mubapresibiteriyani, muba Luteriyani, Muba pantekote, Muba gatorika." Aho waba wose, washyize ukwizera kwawe muri iryo dini, kandi niba ritandukanye n'Ijambo, ntutandukanye na Eva. Nibyo neza. Uriho ukora kimwe n'ibye, gufata Ijambo ry'Imana maze ukarigira….

42 "Urabona, aha ni ho hari itsinda rihebuje. Ni inyubako isobanutse. Ni abasirimu." Ibyo ntaho bihuriye. Satani yari akerebutse cyane kurusha Eva. Ntiyari… no kw'ishusho. Ni yo mpamvu atari akwirike gusobanuka, Yari akwiriye kumvira gusa. Ntidukwiriye kuba abasobanutse. Yesu yavuze ko abana b'iyi si, cyangwa se, ubwami bw'iyi si, hamwe n'abana b'umwijima bukerebutse cyane, kurusha abana b'Umucyo. Tugereranywa n'intama. Intama ntizibasha kwiyobora, zigomba kugira umushumba. Imana ntishaka ko dukerebuka, Ishaka ko tugendera ku bitekerezo bya yo, Amen, aho Iganisha. Amen, murabyiyumvisha ? Ntimwishingikirize ku bwenge bwanyu bwite. Imigani 5:3. Ntiwishingikirize ku bwenge bwawe, ishingikirize ku bwenge bwa Yo. Uko byaba bisa n'ibitandukanye kose, kandi bifite gukurura kwinshi, ntubyiteho.

Ishingikiriza ku bwenge bwa Yo, icyo yavuze ni cyo cy'Ukuri.

43 Rero, ubumwe mu busabane, byari bizitiwe hagati y'Imana n'abana bayo, igihe bashidikanije ku nteruro imwe ntoya, Ijambo rimwe rito ry'Imana. Buri wese ubyumvishe yikirize ati, "Amen»Si Bibiliya; muvuga muti, "Sinemera Bibiliya yose. Nizera igice cyayo kimwe." Yagombaga kuyizera yose, icyanditswe cyose.

Si ibyo gusa, ahubwo ubumwe bw'umugabo n'umugore bwacitsemo. Sinemera ko gushyingirwa kuba gutunganye mu gihe nta bumwe buri hagati y'umugabo n'umugore hamwe n'Imana. Ibyo n'ukuri. Bazazana abana mw'isi, abo bazabagira abana badakwiriye, babahe amatabi, banywe Wisiki imbere yabo, bakine amakarita mu maso yabo. Uko baba indahemuka ku ndahiro yo gushyingirwa kwabo, ibyo ni iruba, ibyo n'umubiri. Ariko hari umwuka urimo, uwo mwuka wa papa na mama b'abanyabyaha uzahora ari mubi, uko baba indahemuka kose ku bana babo.

44 Ubwo, ushobora kuvuga uti, "Nzi abagabo n'abagore batigishije ibyo abana babo, kandi batari Abakristo". Ikintu cyo kutabayobora kuri Kristo, ni cyo kintu gikabije bakoze kurenza abandi; kutabayobora kuri Kristo, murabona? Nuko, ntimushobora kugira ubumwe bw'ukuri kidahari. Ubusabane buzitiwe…

Rero, igihe cyose ubusabane bwari bwaciwemo, hagati ya Adamu na Eva… Igihe ubusabane bwari bwaciwemo hagati y'Imana na bo, ubwo rero, ubumwe hagati ya buri wese bwaciwemo.

Mwumve! Igihe cyose Itorero riciyemo ubusabane bwa ryo rikinjira mw'ishyirahamwe, ubusabane hagati mu bizera bucikamo. Tugomba kwizera n'umutima umwe, kwibwira kumwe, kandi n'inama imwe. Uko niko bariho mbere y'ubumwe bwakozwe ku munsi wa Pantekote; umutima umwe, kwibwira kumwe, kandi bahuje inama. Kandi iyo mwinjije Itorero mw'ishyirahamwe, muzabona ubwoko bwose bw'udutsiko muri ryo. Ni yo mpamvu, bamwe mu bana ba ryo bagiye kwizera Imana; bagiye gufata ikintu cy'Ukuri, kandi abandi bazafata ikindi cyerekezo. Mbese, nta busabane mufite. Yego.

45 N'iki? Ibitekerezo bye byarahindutse. Yo, yego, gutekereza kwe kwarahindutse. Ubusabane bwe n'umugabo we ntibwari butunganye. Batangiye gusiganira inshingano, umwe kuri mugenzi we. Murabona? Ibitekerezo bye byarahindutse mu buryo bwuzuye. Kubera iki? Yari afite muri we ubuzima bwa satani. Nibyo, Igihe yahakanye Ijambo ry'Imana, yakiriye ubuzima bwa satani, yemeye inyigisho ze.

Nshobora gutinda hano cyane ku buryo bukomeye, ariko biri gufatwa ku bande. Ndahamya ko mwumvise, Torero.

Yashidikanije kw'Ijambo ry'Imana ndetse aca ukubiri n'Imana, kubera ko icyo gihe muri we, harimo ubuzima bwa satani. Yari yizeye ikinyoma cye, avuga ati, "Urubuto ni rwiza," Maze arusangira na we. Ibyo Ni ukuri.

46 Ibi sinshaka kubikomeza. Ngiye kubivuga uko byagenda kose. Sinashobora… undi munsi, muri Californiya, nshaka kuvuga muri Arizona, natanze inyigisho mw'itorero rimwe. Nta kintu na kimwe nigeze mvuga ndi munsi yo gusigwa ngo maze hanyuma ngo nisubire. Rero benshi mu bakozi b'Imana barankurikiye kubirebana n'urubyaro rw'inzoka, urubyaro rw'inzoka. "Umugore, yariye urubuto." Hm! Ibyo, mbese. Kayini niko yatekereje na we, yamuritse imbuto zo mu murima. Murabona? Ntibyari urubuto; ni iki cyamubwiye ko yari yambaye ubusa? Ibyo twarabibonye. Cyari igikorwa cy'ubusambanyi mu buryo bweruye. Nibyo rwose, yabonyeko yambaye ubusa. Kandi yahawe umwana n'inzoka, ntiyari igikururanda; yari inyamaswa ififitse

mu nyamaswa zose. Yari ikiremwa kiri hafi y'umuntu. Umuntu ashobora kubona inkende hamwe n'inguge, n'ibindi, ariko ntibabona isano ryo guhuza umuntu n'inyamaswa. Nguko. Imana yarayivumye kugeza ubwo idashobora kugaruka, kubera igikorwa kibi yakoze. Ni yo mbuto yo nyine yashoboye kwivanga.

47 Noneho, undi munsi, nari mpagaze aho, mbwiriza, mw'iteraniro ryanjye hari itsinda ry'abagatorika, maze navuze nti, "Mwe, bagatorika muhamagara Yesu, nako muhamagara Mariya, nyina w'Imana, ni gute Imana ishobora kugira nyina kandi ari Uwiteka? Ntishobora kugira nyina. Yesu ntacyo yapfanaga na Mariya, usibye gusa ko yari… Yari ingobyi yari imutwikiriye."

Ni byiza, Ibyo, abantu barabyizera igihe cyose, nanjye ubwanjye, sinabyibagirwa, imyaka myinshi ishize, ko imyumvire itunganye nuko Imana yatwikirije Igicucu cya yo, maze ishyira munda ingirangingo y'amaraso, ariko imbuto ituruka mu mugore. Niba imbuto ituruka mu mugore, hagombaga kubaho ibyiyumvo ngo bizane imbuto mu miyoborantanga kugera munda ibyara. Murabona icyo Imana muyigira? Muyishyira mu mwanda w'ibitsina. Imana yaremye ingirangingo y'amaraso, yaremye n'imbuto na yo… Muganga, hagombaga kubaho guhura kw'ikigabo n'ikigore. Ibyo n'ukuri.

48 Rero, niba uwo mugore ari we wabyaye iyo mbuto, ni gute Dawidi yashoboraga kuvuga ati, "Sinzakunda ko Uwera wanjye abona kubora, cyangwa ngo ubugingo bwe buhere ikuzimu?" Mbese, niba

muri Kristo, harimo imbuto y'umugore, ubwo uwo mugore yaba yaragize icyo akora ku mugabane We w'umuzuko, rero ibi byose bireba Imana mu mwuzuro wabyo wose. Kubera iki Imana yazuye igice cy'imyororokeye y'umuntu? Mu muzuko, kubera iki Itemereye umubiri We kubona kubora? Ni ukubera ko yari Uwera. Kandi, ni gute yashoboraga kuba Uwera niba yari yarasamwe na Mariya, kandi imbuto yaravuye muri Mariya, kandi ko imbuto yari yanyuze mu muyoborantanga kugera mu nda ibyara? Hari kuba harabayeyo ibyiyumvo kugira ngo bizane imbuto mu nda. Rero, umugore yari…

Ubwo, muravuga muti, "bishoboka ko munda ibyara harimo imbuto. Byari gushoboka." Ariko niba ari uko byagenze, noneho reba icyabaye hano, ntiyahereyeko aba Imana, ntiyari Imana, kubera ko yari Umuntu. Ariko iyo biba bityo, umugore yari afite ikintu muri we. Kandi imbuto y'ukuri yavuye muri Mariya, yavuye muri nyina, na nyina wa nyirakuru, yari afite ikintu cya kimuntu kivanze na cyo, hamwe n'irari rya kimuntu. Ntiyashoboraga kuba gutyo. Oya rwose. Naravuze nti, "gusa yari…"

49 Ni nko gufata igi ry'ikizu maze ukarishyira munsi y'inkoko, inkoko izaribundikira, icyo ikora ni ukurituraga gusa. Ariko ntasano ifitanye nayo muri yo, muri icyo kizu, usibye kuba gusa ari inkoko. Oya rwose. Inkoko yari… ushobora kuryamisha ikibwana gito hejuru y'amagi y'inyoni, kandi gishobora guturaga imishwi, ikibwana cyabikora. Ubushyuhe bw'umubiri nibwo buturaga igi.

Uko niko bimeze no kuri Yesu. Mariya yari uwo kubundikira. Imana yamukoresheje nk'uko yakoresha n'undi mugore wese. Yari umwari, nta mwana yari afite. Yaturutse mu nda y'umwari, ariko Imana y'Umuremyi, yari yaremye umurerantanga hamwe n'imbuto; ibyo Yari Yabiremye. Niyo mpamvu, kwari ugusama gutunganye.

50 Igihe nasohotse, murabizi, ubusanzwe bene Data barantegereje. Baravuze bati, "Mwenata, Branham, ndashaka kugira icyo nkubaza. Wakoze ikosa. Noneho turagufashe." Naravuze nti, "ni byiza gufatwa, icyo ni cyo nshaka,."

Maze bavuze bati, "Wakoze ikosa ryo kuvuga ibi, igihe wabwirije Urubyaro rw'inzoka. Noneho, rero, uvuga ko… imbuto yari iya… Imana yaremye imbuto. Icyabaye, tubona hano ko mw'Itangiriro igice cya 3, Imana yabwiye Eva iti, 'nzashyira urwango hagati y'urubyaro rwa we n'urubyaro rw'inzoka."

Nibwiye nti, "Mbega we! Sinigeze mbwiriza ikintu mu buzima bwanjye ndi munsi yo gusigwa ngo nisubire, 'kubera ko sinishingikiriza ku myumvire yanjye. Kandi niba imyumvire yanjye ihabanye n'Ijambo ry'Imana, ubwo rero imyumvire yanjye irapfuye. Bigomba kuba Ijambo ry'Imana. Niba atari ko bimeze, ibyo bishyire kuruhande; ntabwo ari iby'ukuri. Ariko noneho icyo gukora ni ukugishyira hasi. Mu mutima wanjye, navuze nti, "Data wo mw'Ijuru, mfasha. Sinzi icyo nakora hano. Uyu muntu afite icyanditswe, ari gutunga intoki kuri, 'nzashyira urwango hagati y'urubyaro rwawe n'urubyaro rw'inzoka."

51 Noneho, reba! Umwuka wera wagendagenze hejuru. Nizera ko ari Nawe ushobora gutwikira Mariya igicucu cyawo, kibasha kurema, kandi Ushobora gushyira Ijambo rimwe mu kanwa kawe. Niwe nisunga buri munsi. Kandi ni Ijambo rye igihe cyose . Ntiyavuga i… ikintu gihabanye n'Ijambo Rye. Ubwo, niba muvuga ko musizwe, hanyuma, mukabwiriza murwanya ukuri kw'Imana, kubera ko, Iyo Umwuka Wera abatwikirije igicucu cye, azana ikintu kimwe, 'kubera ko ni Ijambo'.

52 Ni mwumve. Byagenze gute? Naravuze nti, "ni byiza, ndashaka kubabaza ikibazo. Umugore ntagira imbuto. Ntagira urubyaro. Noneho yasubije ati "ntiyavuze ' imbuto,' yavuze ' urubyaro rwawe. Nyamara nta rubyaro yari afite"

Bisaba guhura, kugira ngo habeho urubyaro. Ese ni byo muganga? Ni ngombwa. Nufata urubuto hano, rudafite ubuzima muri rwo, maze ukarutera hariya, ntirwashibuka na busa, rwaborera aho. Kandi ntiwabasha gutera ubuzima nta rubuto. Rero, murabona, ibintu byose ni ubumwe. Ubu ndi kugerageza kubabwira ibyerekeye Kristo n'Itorero. Ni ubumwe. Murabona. Niba umugore ari imbuto we ubwe, ubwo ntiyaba akeneye umugabo, yaba ashobora kugira umwana. Ariko ntibyamubaho, ntashobora kugira umwana keretse ahuye n'umugabo, kubera ko bisaba ababiri kugira ngo habeho imbuto. Ese ibyo nibyo? Biba imbuto itafite ubuzima muri yo, urebe uko bizamera

Ni nk'inkuru bajya baganura, inkuru y'umugore wabyaranye n'imbwa hano. Murabona, ntiyari gushobora kubaho. Ntibishoboka, 'kubera ko, murabona, ingirabuzima fatizo ntizahura.

53 Mwitegereze ibi, Noneho, umugore nta mbuto yari afite. Niyo mpamvu, yavuze ati, "nzashyira urwango hagati y'urubyaro rwawe n'urw'inzoka." Imubwira ko yari Igiye kumuha imbuto Yo ubwa yo, bitanyuze mu gikorwa cy'imibonano y'ibitsina. Yari igiye kurema muri we imbuto. Mbese, mujya muvuga muti "Iyo, byashoboka ko iba imbuto ye?»Yego rwose. Ni iya Mariya nyuma yo kuyimuha. Iri ni ijisho ryanjye, niyo yarimpaye. Ni ijisho ryanjye, ariko niyo yarimpaye. Iki ni ikiganza cyajye, Yarakimpaye. Iri ni ijwi ryajye, ariko niyo yarimpaye. Murabona? kandi imbuto yari muri Mariya nta sano yari ifitanye na Mariya. Cyari ikintu Imana yo ubwayo yari yakoze.

54 Rero, imbuto yari muri we, icyo gihe bwari ubumwe bw' igikorwa kitemewe, byari urupfu. Yari yamaze gusama inda y'imbuto y'inzoka,' kubera ko yari yabanye… kandi yarahindukiye maze aravuga ati, " Inzoka

yanshutse." Ibyo nibyo. Kandi, ako kany, Kayini ahera ko araza.

Yoo!, tuzi ko yavuze ko ahawe umwana n'Imana. Nibyo rwose, buri mwana uvutse, ikibyarwa hamwe n'ikindi cyose, kigomba kubaho kubera igikorwa cy'Imana. Niyo yonyine ishobora kurema ubuzima. Nibyo rwose. Ibyo n'ukuri.

Murabona, yahindutse. Kandi ibyo ntibya…. Icyo byakoze gusa, ni ugutwikira ikibazo cy'urubyaro rw'inzoka. "noneho, imbuto ikurimo binyuze mugikorwa kitemewe n'Ijambo rya jye. Kubw'ibyo rero, kandi noneho utwaye imbuto y'inzoka. Ariko ngiye kuguha imbuto inyuze mu gusama gutunganye, kandi Urubyaro rwe ruzakomeretsa rw'inzoka, kandi umutwe wayo uzarukomeretsa agatsinsino." Amen. Imana ibisohoze; niba ari Ijambo rya Yo, Izabisohoza.

55 Niyo mpamvu bikwiriye ko mugirana ubumwe n'Imana. Niyo mpamvu Petero yavuze ku munsi wa Pantekote, nyuma y'uko Yesu avuga ati "mubatize mw'Izina rya Data, Umwana n'Umwuka Wera." Petero arahindukira aravuga ati "mubabatize mw'Izina rya Yes Kristo" Kuko Izina rya Data, Umwana, n'Umwuka Wera, ni Umwami wacu Yesu Kristo. Murabona? Bisaba ubumwe.

Pawulo ntiyigeze abona Petero, ariko Umwuka Wera Umwe, muri ubwo bumwe (ikuzo), bwamuteye kuvuga bimwe na we, "mwahawe Umwuka Wera mugitangira kwizera? Yaravuze ati, "ntitwari twumva yuko yaje" ati, " mwabatijwe Mubatizo ki? Bati "Umubatizo wa Yohana."

Yaravuze ati, "mugomba kongera kubatizwa, mw'Izina rya Yesu Kristo.»Nuko hanyuma, bakira Umwuka Wera.

Icyo cyari iki? Ubumwe, kuvuga kimwe n'icyo Imana ivuga. Kandi uko ni ukwatura. Kwatura bisobanura "kuvuga uko biri.»Kandi ni we Mutambyi Mukuru wo kwatura kwacu. Gukora bijyanye n'icyo yavuze; tuvuga ko ari ukuri. Kandi akora bijyanye n'ibyo. Mbega we! Turi kumwe. Hari ugusama.

56 Noneho, reba uko ya… ubumwe bwe n'umugabo we bwari buciwemo. Murabona? vuba vuba, Imana iravuga ati "Adamu, ni gute wakoze ibi?" aho kurinda umugore we, ahirikira inshingano ku mugore we. "Umugore wampaye." Ubumwe bwaciwemo. Murabona?

Umugore yakoze iki? Aho gukunda umugabo we ngo avugishe ukuri, yarabeshye. Yari kuvuga ati, "Ararengana, ni njye wamuhaye." Amen. Bibiliya yaravuze iti, "yahaye umugabo we.»Yakabaye yaravuze ati, "Uyu mugabo ararengana. Ninjye wamuhaye hanyuma ararya, ariko ninjye warumuhaye." Aho kuba gutyo yataye inshingano ku nzoka, inzira ya bugufi cyane.

57 Icyo nicyo kintu kimwe abantu bagerageza gukora uyu munsi. Murabona, umugabo, umugore, ubumwe buciwemo. Umugabo n'umugore, ubusabane bwari bwaciwemo hagati yabo, ubumwe hagati yabo bwari bwaciwemo, ubumwe hagati yabo n'Imana bwari bwaciwemo. Ibintu byose byari byangiritse. Kubera iki? Kubera ko bashidikanije kw'Ijambo rimwe gusa. Yo! Mwenata, mbega we! Yakabaye yaravugishije Ukuri. Ubumwe bwe hamwe n'umugabo we bwari bwagiye, kandi ubumwe bwabo n'Imana bwari bwagiye. Kandi niko bigendekera buri torero ryose ridakomeza Ijambo ry'Imana. Ndarikunda, namwe si uko?

58 Mwitegereze, Kayini, impfura, umwicanyi, umubeshyi, umushukanyi, umunyeshyari, wa mwenenyina. Mwenenyina yatondeye amategeko y'Imana, kandi Imana yari yakoze ihongerero kubwo gutamba inzirakarengane iyitanga ku bwabo. Murebe rero gucamo ibintu kwa satani, yashatse kugira icyo asimbuza. Bibiliya ivuga ko Imana yabaremeye impuzu mu mpu; kubona impu, haba hari icyapfuye. Adamu yagerageje kwikorera incocero mu bibabi by'umutini. Ntibyari gushobokaga. ubuzima bw'ibimera. Ubuzima, ubugingo bugenda bwari gupfa. Nuko, yica ubuzima busa n'ubuciye bugufi cyane, iravuga ati "Igihe kimwe, Ubuzima bwanjye Bwite buzatambwa kubwanyu, ubuzima bw'ukuri buzagarura ubwo bumwe." Rero, Imana nibishaka tugiye kugiberaho mu mwanya muto. "Murabona, dore ubuzima bw'umwana w'intama, rero, ni mwakire mwambare muhishe ubwambure bwanyu." Ntimugomba kurya imbuto!»ubupfu! Murabona? "mwambare urwo ruhu." Yagombaga kugira icyo yica.

59 Kandi umwana wa satani, we, ntiyaje nk'uko we yabishakaga. Ni ukuri. Uko mwashaka kubisoma kose, yari umwana wa satani, 'kubera ko uko gutungana kwa Adamu hamwe n'ukw'Imana, ntikwabyara ikiremwa nk'icyo. Mwitegereze, hanyuma abana ba satani, bagerageza gukora ihongerero, bagarukanye ikintu kimwe nk'icyo abantu uyu munsi bavuga. Iseri rya pome, hamwe n'imbuto zo mu butaka, gutamba kubw'ihongerero, ikigombora.

Kandi, umukiranutsi Abeli yakoze iki? Yamenye ko ntaho bihuriye no kurya pome. Yari amaraso ya nyina na se, ubuzima bwabo. Nuko yazanye umwana w'intama, neza nk'uko Imana yakoze. Haleluya! Yitondeye Ijambo ry'Imana, maze Kayini amugirira ishyari.

Niko biri n'uyu munsi! Icyo gitambo cy'amaraso rya… Iryo Jambo ry'Imana, ni icyo Ryavuze, wowe gusa gumana na ryo. Abantu benshi bizera iryo turo ry'amaraso, nibyo rwose, ariko bavuga igitandukanye mu… ikintu kindi mw'Ijambo, baravuga bati, "Yo, oya, ibyo simbyizera. Hum- hum, ibyo ni iby'ikindi gihe" ni

ya dayimoni nkuru, cya kinyoma cya kera…! Muregereze ibyo tubirangize. Mwitegereze, aza neza mu buryo bumwe.

60 Ariko Kayini, mu migenzereze ye y'ubupfu, idakabije, ahubwo mu buriganya bwe, no gushukana, nuko azana imbuto. Adamu yitondeye…. Abeli yitondeye Ijambo ry'Imana, yazanye intama. Imana iravuga iti, "Ni byiza, Adamu, witondeye… nako, Abeli, witondeye Ijambo rya Jye." Kayini, wari ubizi ko atari… ni hehe nigeze mfata amashami y'umutini, nk'uko so yabikoze? Ufite iseri ry'umutini, cyangwa inzabibu, cyangwa pome, cyangwa ikindi cyose ufite hano. Rero, Iso yafashe ibibabi by'igiti agerageza gukora ihongerero, kandi hano uri kugerageza kuzana imbuto z'igiti." Nti byari ibyo. Byari amaraso ava mu bugingo.

61 Yoo, Imana izana ibyo aho iravuga ati, "Ngiki.»Kandi Abeli yatambye igikwiriye. Nuko mwene nyina amugiria ishyari. Reba icyo yakoze; yishe mwene nyina. Imana izura undi; nk'urupfu, guhambwa no kuzuka kwa Kristo. Mwitegereze, nuko rero, Imana, yabwiye iki Adamu na Eva? "Mugende kandi mugwire maze mwuzure isi." Yakwije ikiremwa muntu kw'isi, kugira ngo ibashe gukorana na buri wese ku giti cye kugeza igihe Izabagarura hamwe. Gukorana n'abantu, by'umwihariko, buri wese. Ariko siko babishakaga.

Uku guhishurirwa ntikubasobe. Yoo, Mana, reka bibeho. Mushobore kubibona nk'uko ndi kubireba.

62 Murabona, ntibyari ibyo, Imana ntikorana n'umuntu mw'itsinda. Imana ntikorana na we mw'ishyirahamwe. Ikorana na we ku giti cya we, umuntu ku giti cye. Mwabatijwe mwe ubwanyu n'Umwuka Wera. Mwabatijwe rusange mu mubiri ubwo twabatijwe n'Umwuka Wera. Umuntu kugiti cye, buri wese yabatijwe n'Umwuka Wera, Imana ikorana na buri wese. Iyo niyo yari intego ya Yo, kubuzuza kw'isi yose, kugira ngo Ibashe gukorana na buri wese muri bo kugiti cye.

Ariko, ibitandukanye n'ibyo, byabaye bite? Imana yari ikwiye gutandukanya Abantu ba Kayini na Seti. Yirukanye Kayini. Yarabatandukanije ngo ibashe gukorana n'Itorero rya Yo. Mwitegereze, Kayini yaratandukanyijwe. Noneho mwitegereze . Imana yatandukanyije Umugome Kayini wa Eva na Abeli wera wa Adamu. Yoo! Yarabikoze? Kubera igikorwa cy'inkozi y'ibibi, uwo mugore, wabanye n'undi muntu maze, azana umwana. Imana yatandukanyije uwo mwana n'Igisekuru cye, batandukana n'abantu b'abakiranutsi kandi bera, Abana be.

Nicyo kimwe n'uyu munsi; gutandukana, yaratandukanye, kuboneka, ntibari mu bumwe. Ntibari kugira ubumwe. Umunsi wabasha ute kugirana ubumwe n'ijoro? Umwizera yashobora kugirana ubumwe ate n'umutizerwa? Umuntu wizera Ijambo ryose ry'Imana yashobora ate kugirana ubumwe n'uwizera, gusa igice cy'Ijambo ry'Imana? Imana ishaka kugira abatandukanye.

63 Noneho, Kayini yari umuhungu wa Eva, yaravuze ati, "pawe umuhungu.»Ariko Seti yari umuhungu wa Adamu. Kandi Imana yabatandukanije kubera ko ntiyari kureka… mbese, bari guhumanya abandi, Abana ba Kayini b'abagome bashoboraga guhumanya Abana ba Seti batunganye. Ibyo ni byo.

Rero, murebe. Kandi ya Dayimoni imwe yateye Eva gushidikanya kw'Ijambo rimwe ry'Imana, maze ikababwira gutandukana umwe n'undi kugira ngo babeho ubuzima butandukanye, buri wese muri bo, iyo dayimoni imwe yabinjiyemo maze irongera irabahuza. Ibyo mwabyumvise? Muvuge muti, "Amen", niba mwumvise. Yongeye kubahuriza hamwe munsi y'ubumwe bw'ikinyoma, igikorwa kirwanya Gahunda y'Imana. Habaye iki? Ni gute yabikoze? "Abana b'Imana", niko Bibiliya ivuga mw'Itangirio, "babonye abakobwa b'abana b'abantu.»Abana b'Imana, abana ba Seti, babonye abakobwa b'abana b'abantu, abana ba Kayini, uko bari beza cyane. Hum-hum. Nuko bakoze iki? Barababengutse. Maze barongeye barihuza, kubera ubwiza "bari inyamibwa."

64 N'uyu munsi niko bimeze! Ndabareba, bene Data. Mwe Bapantekote b'ibigwari, Imana yitandukanyije na mwe ngo mube impuzamadini! Pantekote y'Umwimerere ntimwayihindura idini. Yarabasohoye ngo mube Ubwoko bwa yo. Ariko mwabonye amatorero meza manini hamwe na Tewoloji, mwiboneye amashuki menshi akomeye n'ibindi bitandukanye. Mwakoze iki? Mwarasubiriye guhuza Ubwoko bw'Imana mw'ishyirahamwe, ishingiro ryaryo ari ryo Gatolika. Amatorero akomeye, meza, abantu bambara neza, umuyobozi w'umujyi n'abandi bakaza, baberewe, biza cyane, abanyateoloji b'ikirenga, bazi uburyo bwo kwiyerekana aho buri wese yambaye imyenda ihenze, kandi umushumba ahagaze mu mwanya we bitunganye. Ibyo n'iki? Muhanze amaso ibyo Imana yaciriyeho iteka. Kandi mwafashe Itorero rya Pantekote (Mana, bifatwe ku bande neza) Kandi mwihurije mw'ishyirahamwe. Imana ntiyigeze ishaka ubwo bumwe, yashatse ko butandukana, kutifatanya n'isi.

65 Ya Dayimoni imwe yatumye Eva ashidikanya kw'Ijambo ry'Imana maze igatuma akora ikizira, yaragarutse nuko ifata abana ba Seti maze ituma babona ubwiza bw'abagore ba Kayini, maze barongera baba bamwe. Kandi ntabwo bari abatizerwa. Ntibari aba coministe. Oya, oya. Bari abizera. Baravuze bati, "mbese, wenda bishoboka ko Imana igira icyo ikora." Cyangwa se, yo, byose gutyo. Bari…batekereje ko bakoraga ibikwiye. None, n'iki Imana yari gukora? Kurimbura byose, yari kurimbura ibintu byose. Munsi y'ubumwe bw'ikinyoma. Yagombaga kohereza umwuzure ngo urimbure itsinda ryose. Urubanza ruri kuza kubera ubwo bumwe bubi. Urubanza rwakubise eni kubera ubumwe bubi. Kandi noneho, inzoka se yari

ifite imbuto? Mukozwe n'isoni.

66 Ubumwe bw'ikinyoma muri eni bwazaniye Adamu na Eva urubanza kw'isi. Kandi ubumwe bw'ikinyoma bwazanye umwuzure w'urubanza rw'Imana kw'isi kuko abakobwa ba Kayini bari bashuditse n'abana b'Imana maze barababenguka nuko barongera barihuza. Turi kumwe? Ubumwe bubi, "Ntakibazo gishobora kubaho." Imana yakoze iki? Yarimbuye ibintu byose, byose usibye Nowa hamwe n'umuryango we. Bari hamwe.

Kandi hanyuma y'ibyo, nyuma y'urupfu rwa Nowa, kandi uwo muryango w'umunyamwuka wa Nowa, murabizi, ikintu cya mbere, abana b'abantu batangiye kongera kurebana. Bakoze iki? Baravuze bati, "noneho, ntituri babi, twese twizera Imana" nuko, bari bafite igihanda, umuyobozi, umusenyeri mukuru witwa Nimurodi, kandi bubatse umunara. Ntibari babi. Bari bizeye ko hababaho ijuru. Bizeraga ko hariho ukuzimu. Bizeraga urubanza. Ariko abana b'Imana hamwe n'abakobwa b'abantu, na none, barihuza ubwabo, by'ikinyoma, maze bubaka urusengero runini, idini rikomeye rinini, kandi ahandi hantu hose ha… i Babeli, byari ukwishyura ikoro.

67 Maze baravuze bati, ndababwira icyo dushobora gutekereza, murabizi ko turi abahanga.»Ubwo buhanga bwabo babukuye he? Kuri satani. Ibyo nibyo. Babukomoye kuri satani nka Eva. Babuhawe na satani. Mbese, baravuze bati, "tuziyubakira ishyirahamwe ry'idini, tuzashimisha Imana. Kandi nzakubwira icyo tuzakora, tuzakimbagira ku rwego hamwe intamwe zoroshye. Tuzazamukira rimwe, turirimbe kandi tuzanezerwa hamwe n'abamalayika, kandi twururuke hano maze tubeho uko tubishaka." Iyo dayimoni iracyariho. Murabona? Yari ihabanye n'amategeko y'Imana. Ntibigeze bitondera amategeko yayo. Imana yakoze iki? Nuko, bubatse umunara wa Babeli, ikindi cyaha, hanyuma Imana irabarindagiza, irabatatanya.

68 Imana yarongeye iratandukanya, yohereza intungane Aburahamu, Iravuga iti "Ngiye kugufata maze nkugire ihanga rikomeye.»Imana irabatandukanya. "Aburahamu, sohoka hagati muri bo; siga byose." kandi Imana ntiyigeze imuha umugisha kugeza igihe yasize byose inyuma, Loti yari uwa nyuma. "Aburahamu, sohoka; itandukanye n'abatizera. Kandi ngiye kukujyana maze nguhindure ihanga rikomeye. Ngiye gutegura ubwoko buzitondera Amategeko yanjye. Ngiye kubaha andi mahirwe."

Aburahamu, umusaza w'intungane, yagiye gutura mu gihugu cy'amahanga. Icyo ni cyo Aburahamu wese akora, gutura mu gihugu cy'amahanga. Ni iki? Yizeye isezerano ridashoboka, nk'umuntu. Mutekereza ko ari iki bariya baganga bateye imbere bo mu rubyaro rwa Kayini bari kuvuga urya munsi? "Huh! Yo! Mbega! Umusaza w'imyaka ijana, agiye kubyarana umwana n'umugore w'imyaka mirongo icyenda? Yo, mbega ikintu gisekeje! Giteye isoni!" Ariko Aburahamu yizeye Ijambo ry'Imana. Maze ikintu gihabanye na Ryo, yacyitaga ikitariho.

Iyo mibatizo yose, Ibyiyumvo by'ibinyoma, ibyo bintu by'ibinyoma biri kuba iki gihe, mubirebe nk'ibitariho, mwizere Ijambo ry'Imana kandi mukomeze mujye imbere. Ni ibuye risitaza gusa, ribazitira kugera ku cy'ukuri. Ni ukuri. Mukomeze gusa mujye imbere, bana banjye. Ijambo ry'Imana, Imana irinda Ijambo ryayo. Uko satani yajugunya ibipfuye byose aho, uko ashoboye, Imama iracyafite Ijambo ry'ukuri kandi Irarikomeza.

69 Aburahamu yitaga igitandukanye cyose, ikinyoma. Abaroma, igice cya kane, niba muri kwandika. Aburahamu yitaga ikindi cyose gitandukanye n'Ijambo ry'Imana, nkaho kitariho. Ibyo ni byo. Yizeraga Imana, yari ashikamye. Uko umubiri we wari ufite intege nke kose, uko byasaga n'ibitari kuzaba kose, Aburahamu yakomeje kubyizera. Noneho, rero, ntiyari kujya gupfukama kugicaniro ngo avuge ati, "niba bitabaye nonaha, ngiye gukora… Sinzi niba ngomba kubyizera cyangwa kutabyizera." Aburahamu yari arikomeje mu myaka makumyabiri n'itanu, mbere yuko bishyika, ariko biragera. Bihora bishyika.

70 Aburahamu, yabyaye Isaka; Isaka abyara Yakobo; Yakobo abyara abasekuruza, abasekuruza bajya muri Egiputa; muri Egiputa, bahinduka ihanga. Nuko, Imaze kubona ubwoko bugari, nyuma y'Intego ya yo, Yakoze iki? Imana yongeye kubatandukanya. Kutizera no kwizera ntibyabana. Oya, mugenzi. Yarongeye irabatandukanya kugira ngo igire abayo. Yabakoreye iki kugira ngo yizere neza ko bayobowe neza? Noneho mwumve mwitonze, nta gihe tugisigaje kirekire, hashobora kuba hasigaye iminota, iminota cumi n'itanu. Yarabiyegereje.

Mwitegereze, Yahagurukije ihanga, iriragiza abayobozi n'ibindi. Barakubiswe kandi barataka, barataka, birakomeza gutyo. Ariko Imana yarabirebaga; yibukaga isezerano ryose yahaye Aburahamu. Umunsi umwe I-Iratekereza…Yabakoreye iki? Yabakoreye iki ubwo yabatandukanije? Ibaha amategeko kandi Ibaha umuhanuzi, Ibaha Inkingi y'Umuriro. Yakoze iki? (Yoo! Mana) Ishyira Itorero rya Yo kuri gahunda. Inkingi y'Umuriro, Umwuka wo kubayobora, umuhanuzi ushobora kubabwira ukuri kw'Ijambo rya Yo. Rero, Bari biteguriye urugendo. Ese ibyo si byiza!

71 Bageze mu butayu, bakora ibimenyetso n'ibitangaza, bafungura inyanja Itukura, bohereza umuraba kuri Farawo. Mbega we! Inkingi y'Umuriro ibagenda imbere, Amen, Yabayoboraga ku manywa na nijoro. Halaluya! Umuhanuzi w'indahemuka kw'Ijambo, ahagaze aho kugira ngo abayobore mu nzira. Amen. Yari yiteguye gutwara abana ba Yo. Ni yo nshuro ya mbere biswe Itorero. Ryari ikigereranyo cy'ibyo yari igiye

gukora mu minsi ya nyuma. Ibyo turongera kubigeraho mu mwanya muto. Yabahamagaye ngo basohoke, ibaha itegeko, ibaha Ijambo rya Yo; ibaha umuhanuzi; ibaha ikimenyetso; ibohereza mu butayu, ibatandukanya n'abandi.

Bakoze iki? Babonye abagore beza b'aba Mowabu, itorero rikonje rifite ibigirwa-mana hamwe n'ibigirwamana-kazi n'ibindi. Bakoze iki? Barabasanga, barashyingiranwa. N'ukuri rwose. Ntekereza ko abo bakobwa b'aba Mowabu bari beza cyane.

72 Mfite ubuhanuzi imuhira, nzabubasomera mur'iyi minsi. Kandi muribaza impamvu ntombokera abagore, uko mbikora. Hashize imyaka mirongo itatu. Nakiriye "NIKO UWITEKA AVUZE". Hashize imyaka mirongo itatu, ubwo nari ninjiye mu murimo. Yambwiye ko mu minsi ya nyuma, abagore bazarenga ihaniro kandi baregwe kuba ibiremwa bikabije kwandura kw'isi. Ni ukuri. Ibyo yabitangiye mw'itangiriro, kandi satani imukoresha kw'iherezo. Kandi mwitegereze ikiri kuba, mwitegereze mu myaka yashize. Yaravuze iti,

"azakomeza kwiyambika ubusa." Kandi Yavuze iti, "hazabaho agatsinda gato gusa, k'abatoranijwe, bateganyijwe mbere, ibyo ntibizabageraho."

Ubwo iryo yerekwa ryazaga, nagize ubwoba. Naribwiye nti, "abagore…" nabumbuye Bibiliya mugitabo cya Yesaya, ndizera ko ari igice cya 5, maze haravuga hati, "Ishami … abakobwa b'i Siyoni, uwo munsi bazaba beza ku Mwami."

73 Umunsi umwe, umugore yanyandikiye ikibazo, avuga ati, "Mwene Data Branham!" Oya, ahubwo yari umugabo, umubwiriza. Ashobora kuba ahagaze aha, muri iki gitondo. Aturuka muri Ohio. Maze avuga ati, "turavuga rumwe na mwe, ariko twumvishe ikintu cy'ikinyoma kuri za bande zanyu." Billy yanzaniye ibarwa. Ati, "ikintu, kuma bande yawe,» Avuga ati, "gihabanye cyane n'Ijambo ry'Imana, Mwene Data Branham. Kandi ni cyo dushaka kuvuga.» Ati, "ikibazo kimwe nshaka kukubwira. Hari 1 Abakorinto, igice cya 11, ndetse havuga yuko abagore bakwiye gutwikira umutwe, kandi yuko abagabo badakwiye gutwikira umutwe." Yaravuze ati, "Ibyo turabyizeye. Abagore bakwiriye kwambara ingofero mw'iteraniro, ariko abagabo bagomba kwambura ingofero mw'iteraniro." Yaravuze ati, "hanyuma, avuga ati, ikindi kibazo nuko abantu badusanga maze bakavuga ko Malayika w'Uwiteka akubwira byose. Ijambo ryose uvuga, rituruka kuri Malaika w'Uwiteka. Kandi, mwenata Branham, rwose birakomeye guhangana n'ikintu kimeze gutyo." Yaravuze ati, "Mw'itorero rya jye", ni cyo dushaka kuvuga. Noneho, Mwene Data Branham, ntiwemera hariya wari wibeshye?.

Narasubije, nti, "Mwene Data w'igiciro, sinibeshye. Abakorinto ba mbere, igice cya 11, yuko umugore akwiriye gutwikira umutwe, ni yo mpamvu. Nuko igice cya 11, havuga ko umusatsi muremure we, wamuhawe nk'igitwikirizo, si ingofero.» Uwo mwuka wa gatorika waganje itorero igihe kirekire. Umusatsi we ni wo gitwikirizo cye. Kamere yo ubwayo nti…

74 Kandi, dore icyo kibazo kiragarutse, undi yongeye kukimbaza, mu gihe gishize… ngiye kubisobanura ninkigeraho. Ati, "ni byiza, Bibiliya yavuze ko umugore akwiye guhirimbiza umusatsi kubw'abamalayika. Abamalayika bahuriye he n'abagore?"

Naravuze nti, "Marayika n'iki? Ni intumwa." Pawulo, ariho avuga iki hano? Niba intumwa y'ukuri nahanyura, marayika wo ku ruhande rw'Imana, ni byiza ko muhirimbiza umusatsi. Azabiciraho iteka. Ibyo n'ukuri. Ni bangahe.. bazi ko marayika ari intumwa? Ni ukuri rwose. Intumwa yatumwe n'Imana izabicira urubanza. Kubera ko, intumwa y'ukuri iturutse ku Mana, marayika ahamanya n'Imana, kandi Ijambo rye ntiribasha gutsindwaa. Ibyo n'ukuri rwose. Mutagatifu Pawulo yavuze hano yuko, niyo yaba marayika uturutse mw'Ijuru yakwigisha igitandukanye, avumwe. Ibyo ni byo. Noneho, tubonye ko ibyo ari ukuri, akwiye guhirimbiza umusatsi, ni cyo gitwikirizo cye.

75 Ariko, nibaza uko abo bakobwa beza b'Abamowabu, uko bari bafite uburanga, bashobora kuba bari barakoze bimwe ba ba Yezebeli b'iki gihe bagezweho. Ariko, uko byaba kose, si abagore bose! Ntekereza ko umugore umwe w'ukuri ari Ikirezi. Imana ishimwe kubw'umugore umwe. Muri abagaragu b'Imana. Ariko, umugore w'ukwiriye ameze nk'umugabo w'ukuri, icyo gitwikirizo cye. Aharanira gukurikiza Ijambo ry'Imana atitaye ku cyo satani avuga, cyangwa ikindi gihendo cyose.

Hanyuma ati, "Umushumba wacu, yavuze ko ari byiza kubikora." Sinitaye ku cyo umushumba wanyu yavuze. Niba bihabanye n'Ijambo ry'Imana, reka amagambo ye abe ikinyoma, maze witondere Ijambo ry'Imana. Idini iryo ari ryo ryose, cyangwa icyo ari cyo, niba afite icyo kongeraho kuri ibyo, mubwire ajye kureba mw'Ijambo ry'Imana. Rwose n'ukuri.

76 Yoo, twagashoboye gukomeza, maze tukareba Imana iriho ibitandukanya. Bigiye kuba ngombwa ko duhagarara, umwanya muto. Ibi byanditswe mfite hano, ndashaka kubinyuraho, kugira ngo twihute kugera ku musozo. Habaye iki, igihe Yahageze, igihe cy'abakobwa b'Abamowabu? Imana yongeye gutandukanya bushya. Yakoze iki?

Hanyum, Yesu Araza. Aho niho tugeze. Nuko Yesu Araza, Ishusho y'Imana yagaragajwe, urubyaro rw'umugore, yasamwe n'Imana Yonyine. Umwubakisha mukuru, yiyubakiye umubiri. Ntiyari akwiye gutira

ingiga ku wundi wese, ku mugabo cyangwa umugore. Yiyubakiye inzu. Mbega we!

77 Ntekereza ko urya munsi, ubwo Sitefano yahagurutse akavuga ati, "Mwebwe, abatakebwe mu mutima n'amatwi, ibyigomeke. Muhora murwanya Umwuka Wera. Nk'uko ba so babikoze, namwe n'uko" ati, "Salomo yamwubakiye inzu, ariko Iri hejuru Ntitura mu cyubatswe n'amaboko y'umuntu, ariko Wateguye umubiri"

Ntiyari akwiye gutira ingiga ahantu runaka. Abaheburayo, igice cya 11, ntekereza ko ari umurongo wa 2 cyangwa uwa 3, havuga ngo, "Isi yaremwe n'Ijambo ry'Imana, ibigaragara byaremwe mw'ishusho y'ibitagaragara." Gusa Imana yavuze iti, " Habeho,»maze habaho. Ntiyari kujya hariya ngo Ivuge iti, "Wowe Kwezi,ese ushobora kuntiza ingiga? Wowe Nyenyeri, ese wakwemera ko Jye ngira Karisiyumu nkeya?" Imana ntiyakoze ibyo.

78 Ntiyari kuvuga iti, "Mariya, nguriza igi, ndashaka kurema umubiri, ngo nture muri wo." Imana yo muremyi yaravuze, maze icyo gihe yabaye umubyeyi. Ntiyari nyina, gusa yari umugore utwaye imbuto Yayo. Ibyo n'ukuri. Mwibuke, nyiyari nyina wa Yesu. Niko isi yavuze. Munshakire ahantu hamwe mu byanditswe yigeze Amwita nyina. Rero, mugaruke kw'Ijambo. "Nyina w'Imana," mukozwe n'isoni. Murabona?

Umunsi umwe, hari abantu bamubwiye bati, " Nyoko ari hanze aragushaka."

Yaravuze ati, " Mama ni nde? Areba mu bigishwa be, aravuga ati, "Abakora ubushake bwa Data, nibo Mama."

Ntiyari nyina, yari ingobyi. Imana yari gushobora gukoresha ikindi kintu, ariko Yashatse gufata igiciye bugufi maze yerekana icyo ibasha kugikoresha. Igishira hejuru, irema ikintu mu busa, iyo ni Imana.

Ishusho igaragajwe, Yesu, Umuziranenge, Uwigikundiro, Umwiza cyane mu bihumbi bibiri, Umwangange wo mu kibaya, Iroza rya sharoni, Yoo, Inyenyeri yo mu ruturuturu, Yari nde? Ni kuki yaje? Mwumve mwitonze rero. Kugarura ubumwe bw'Imana n'umuntu. Yoo, ibyo urabibona, mwene Data?

79 Iminara yabo yose ya Babeli, hamwe n'ibindi bintu byabo byose, nta cyo byamaze. Imbuto zabo zose z'ubusitani ndetse ikindi cyose kitanejeje Imana. Mbese, Imana iramanuka maze Ijya mu nda y'umugore; Yiremera umubiri, maze ihinduka Emanweli, Imana hamwe na twe; nti yari umu Yuda cyangwa Umunyamahanga, ahubwo Imana. Ntiyari Umuyuda; ntiyari Umunyamahanga; mbese, Abanyamahanga bari bafite agaciro mu maso ya Yo mu binyejana byose; gusa yagerageje kwegeza yo Abayuda kugira ngo igire Ihanga. Yagerageje gukora byose kugira ngo Ibagarure, kandi inzira imwe gusa yo gushobora kugarura, yari ukugaruka umuntu kugiti cye, nk'uko byahoze kw'itangiriro. Niko bimeze uyu munsi, ku muntu ku giti cye; atari kw'idini, atari kw'ishyirahamwe ry'idini, atari kw'itsinda ry'abantu, ahubwo ku giti cy'umuntu. Mwitegereze, kugira ngo Igarure ubumwe hagati y'Imana n'abantu.

80 Yari igitambo gikwiye cy'icyaha. Intama, ihene, n'ibindi, ntibyakuraho icyaha. Ariko ubuzima…. Niyo mpamvu, igihe igitambo gitambwe, ubuzima bw'intama, ikiremwa cy'intungane, ubwo buzima, ntibushobora kugaruka ku mwizera, kubera ko Uwo uheruka yari umuntu ufite ubugingo, mu gihe intama itagira ubugingo.

Murabona, ntakigira ubugingo usibye umuntu. Imana yashyize… Ni ishusho y'inyamaswa ariko Yashyize muri we ubugingo. Ni ryo tandukaniro n'inyamaswa. Atandukanya ikibi n'icyiza, iyo ubugingo buje kuriwe. Ariko mwibuke Igihe

Imana yaremaga umuntu mw'ishusho ya Yo, maze agahinduka ubugingo buzima. Murabona, yabaye atyo, atandukanya icyiza n'ikibi.

81 Noneho, mwitegereze, Ariko rero, kur'iyi ngingo. Yesu yaraje ndetse yari Imana. Si ubuzima bw'undi muntu, gusa bushobora kugaruka ku muntu wundi, ahubwo Ubuzima bw'Imana bumuhindura Umwana w'Imana, bumugarura muri bwa bumwe yari afite mbere yo kugwa. Mbese, tugeze mu bumwe bw'Ukuri.

Abantu… umuntu yarambwiye, ati, "Mwene Data Branham, nturi uw'ubumwe?" Si ubumwe nk'ubw'ishyirahamwe. Ahubwo ndi umwe na Yesu. Murabona? Ariko si ubumwe nk'ubw'ishyirahamwe.

Yishyuwe umwenda w'icyaha. Rero, kugira ngo agarure ubumwe hagati y'Imana n'umuntu. Yesu ntiyari kubishobora igihe Yari hano mu mubiri w'umuntu. Kandi yagombaga guhinduka Igitambo cy'icyaha byuzuye kugira ngo akureho ububi bw'umwizera (murabona?), kugikuraho kugira ngo Umwuka Wera abashe kwinjira mu muntu, kandi atume Imana n'umuntu bongera kuba mu bumwe. Murabona, hagomba kubaho kugarurwa.

82 Noneho, n'iki kibasha kugarura? Ubwo itegeko ry'Imana ryasohoye. marayika yashobora kurisohoza? Ntagira amaraso. Imana yari kurisohoza? Ntigira amaraso. Nuko, Imana yahindutse umubiri n'amaraso kugira ngo Ibashe kwishyura umwenda neza, hamwe no gukuraho icyaha, kuko nibwo buryo bwonyime. Iminara ya Babeli yabatatanije mw'isi yose, n'ibindi bintu byose, amashyirahamwe hamwe n'ibindi byari

byatsinzwe mu buryo bwose, barivanze, isi n'ibindi byose, ariko ibi byari ibigiye kuba gutandukana gushyitse. Shimwa!

Noneho, ndumva natwawe. Mbese, ndumva nafata icyanditswe cyajye maze ngatangira kubwiriza uyu mwanya. Ndi gushabuka kugeza aho mbasha gutangira kubwiriza uyu mwanya, rero, ni igihe cya jye cyo gusoza. Uhm! Ahari, nzabirangiza nyuma, igihe runaka. Ubumwe bw'Imana n'umuntu. Murumva? Abari kumva nimuvuge muti, "amen"

83 Murebe, uburyo bumwe umuntu yashoboraga kongera gusubira mu mibereho ye y'umwimerere, nuko iyo nyishu y'icyaha yishurwa. Igihano cy'icyaha n'iki? Urupfu. "igihembo cy'icyaga n'urupfu." Kandi Imana yaravuze iti, "umunsi wakiriyeho, umunsi uzatangira uwo mubano, uwo munsi uzapfa. " Kandi igihe byabaga, byaciyemo isano ry'umuntu, ubusabane bwe, n'ibindi, kandi ntibwashoboraga kugaruka, kugeza ubwo iyo nyishyu yishyurwa. Kandi ntamuntu wari ukwiriye kuyishyura, kubera ko buri muntu yazimiye hamwe n'ikiremwa muntu, 'kubera ko buri kiremwa kiri munsi y'ikiremwa muntu, kandi yari yaguye. Shimwa! Yo, mwene Data!

84 Mwene Data Mac, sinakubonye, ubwo mwicaye aho, Imana iguhe umugisha. Twizera ibi, Mwene Data Mac. "munsi y'igihano cy'urupfu…" Mwene Data Mac hano yahoze ari Umushumba hano mu rusengero ubwo nagiye. Yego, rero… undi musaza mwiza w'Umubatisita, Umubatisita w'umuvugabutumwa hariya afite Umwuka Wera… Murabona? Mwumve neza noneho, bahindutse umwe n'Imana.

85 Noneho, mu gihe turiho tubona ibi… Murabona, incungu yagombaga gutangwa, kandi nta… Ishusho iruta ubuzima bw'inyamaswa, n'ikiremwa muntu, kandi ikiremwa muntu ubwa cyo cyaraguye. Rero. Ni gute umuntu umwe yakiza undi? Imana ni Yo yari ibikwiriye. Kandi Imana, nk'umwuka ntiyashoboraga gupfa. Mbese, "Imana yari ikwiye kumanuka ubwayo hasi y'abamarayika," Abaheburayo igice cya 1. Umurongo wa mbere. Yari ikwiriye kwicisha bugufi kuruta amabarayika, kugira ngo ibashe gupfa, kwishyura umwenda, kongera kunga ubumwe hagati y'umuntu n'Imana, kugira ngo Umwuka Wera ubashe kugaruka.

Umwenda w'icyaha warishyuwe. Byari bikwiye ko Yesu abikora kugira ngo yohereze Umwuka Wera, ngo yongere yunge abantu nk'uko byahoze mu ngobyi ya eni. Umwenda warishyuwe ubwo Yesu yapfaga. Byarakemutse. Amen, mwene Data! Niba nashobora gusa kubyinjiramo. Murabona?

Umwenda warishyuwe. Haleluya ku mwana w'Intama Umwenda warishyuwe. Kandi umugabo wese n'umugore wese bari kunyumva iki gitondo, cyangwa bazanyumva ku bande, igihano cyanyu cyarishyuwe. Ntimwongere gushidikanya kw'Ijambo ry'Imana. Mugarukire Ijambo! Ntimwizere ko iryo… Yari Ijambo. Shimwa! Ndumva ngiye gutera hejuru, nibyo bidasubirwaho. Igihano cyarishyuwe. Byose byararangiye. Ntibitangaje ko abamarayika bateye urusaku maze babaririmba, hamwe n'indirimbo zo kubahiriza zo mw'ijuru. Yego, mugenzi, intama yazimiye yari yabonetse! Ihongerero ryari ryamukorewe, kugira ngo yongere agarurwe, amazi atandukanya, Ijambo ry'Imana rimwuhagira ibicumuro bye, igihe Ijambo ryapfaga mu mwanya wanjye, kandi ryongeye kuzuka nuko riganza mu buzima bwanjye, mu mutima wanjye. Amen.

86 Igihano cyarishyuwe, Byararangiye. Twaracunguwe, atari kubw'itorero rya Gatorika; nubwo turi abagatiruka b'ukuri, abagatirika b'intumwa. Yego, yego. Si abagatorika b'i Roma bagira imihango yabo, bagahakana iri Jambo; ibyanyu byose n'imihango, si Ijambo. Abametodisite, Ababatisita, mukozwe n'isoni, mukunda ibicumuro kurenza Imana. Mwe mukunda ibibanezeza, mwebwe muri gushakisha umunezero w'isi, ingurube ziri mu nzarwe. Satani yohereza aho ibikoresho bye kugira ngo avumbike ibintu muri mwe, nk'uko satani yabikoze mu ngobyi ya eni. "Mbese, abakozi b'Imana bacu barize. Bafite impamyabumenyi z'ikirenga mu bucurabwenge, impamya bumenyi mu mategeko." Ibyo ntacyo bivuze na gato. Guhakana iryo Jambo, niyo mayeri ya satani n'uyu munsi. Nabibahamirishije mw'Ijambo igi gitondo, guhera ubu, nimwe bireba.

87 Abigishwa, nubwo bagendanaga na Yesu, ntibari bafite ubumwe. Nta bumwe bari bafite, Oya, baraburanye bati, "ninde uzaba mukuru mu nyuma? Ni nde mukuru muri twe?" ntibashoboraga no kwizera Yesu. Ntibashoboraga kumwumva. "Uvugira mu migani. Tubwire utweruriye icyo ushaka kuvuga." Nta bumwe bwari hagati ya Yesu n'abigishwa, ahubwo hagati y'abigishwa na Yesu, yaba no hagati mu bigishwa ubwabo.

Uko byagenda kose, icyo kirabahishurira, mwene Data, mwumve mwitonze noneho, ndifuza ko ibi byinjira mu mubande w'imitima yanyu. Murabona? Imana ifite integuro. Hanze y'iyo nteguro, sinitaye ku buhanga bubiherekeje, inyubako nziza zihagaze za miliyoni z'amadorari, uko haba hari amashuri ya za teolojiya, abantu bangahe bera, uwera runaka na runaka, ibyo nta mumaro na muke bifite. Niba Ijambo rimwe rya Bibiliya ritizewe, ni irya satani. Rero, ibyo nabibahamirishije Ijambo ryanditswe ry'Imana, kuva mw'Isezerano rishya kugeza mw'Isezerano rya Kera, kandi ndabigarura kugeza umunsi… niba mukeneye kunkurikira mu minota mike…

88 Abigishwa bagendanaga na Yesu, akaboko ku kandi, bararanye na We, basangira na We, bitegereje

ibitangaza Bye, kandi bifatanya na We, hafi cyane nk'uko abavandimwe bashobora kubaho, kandi nyamara ntibari babufite. Ntibari bakwiriye kubwiriza Ubutumwa bwiza. Yesu yaravuze ati, "ntimwigere mubwiriza; ntimunabigerageze. Mutegereze mu murwa wa Yerusalemu. Ngiye kohereza isezerano kuri mwe, ryabahawe, iryo rizabunga."

"Nuko, Data, nsabye ko baba umwe, nk'uko Jye na We turi umwe. Kandi nda…" « Nkuko Data yantumye kubwiriza Ubutumwa bwiza, nanjye ndabohereje. »

Kandi, Data wohereje Umwana, ni We waje mu Mwana. Ubumwe n'ikintu kimwe. Yaravuze ati, "Niba ntakora imirimo ya Data, ntimunyizere. Ariko niba imirimo nkora ivuga n'ijwi rirenga, muri ibipfamatwi, ibiragi n'impumyi niba ibyo mutabibona." Yoo, mwene Data! Phuu! Iravuga ati, "mwa ndyarya mwe, muzi kugenzura isanzure, ariko ntimubasha kugenzura ibimenyetso by'ibihe. Iyo muza kumenya. Muba mwaramenye Umunsi wa Jye. Yesaya yavuze neza

ibyanyu. Mufite amatwi, ariko ntimubasha kumva. Mufite amaso ariko muri impumyi, ntimubona…"

Intumwa Pawulo yabivuze neza ati, "mu minsi ya nyuma, abantu bazagira ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga za ko." Kandi icyanditswe gikurikira ikindi cyanditswe, ibishobora kuzashyika muri ayo mashyirahamwe y'amadini mu minsi ya nyuma. Hanyuma, abantu bibaza impamvu ndwanya iyo mikorere ya satani yakozwe n'umuntu. Murebe abo bana bashutswe nk'intama zigana kw'ibagiro. Basohore, Mwami.

89 Yego, abigishwa nta bumwe bari bafite. Ntibashoboraga kumva Yesu. Baravuze bati, "Yoo, ibyo ni nde wabisobanukirwa?" Murabona? Imana ntiyari ikiri muri bo. Gusa bari bihuje mu busabane. Bari bihuje na we gusa. Hari abantu benshi beza uyu munsi. Ntibanywa inzoga, ntibabeshya, ntibiba, ntakintu na kimwe, ariko ntibafite ubwo bumwe bw'Imana. Ntibarakaba umwe n'Imana. Murabona, ntibabishobora. Yoo, bakoze ibitangaza. Birukana amadayimoni. Ntabwo ari- si ibyo….

Undi munsi, nasomye ikinyamakuru kibivugaho, ibyerekeye kwirukana amadayimoni. Abantu baravuga bati, "Yoo, Mwene Data, ndakubwiza ukuri, ni byo." Ntabwo ari byo. Niba umuntu yirukana dayimoni, maze agahakana Ijambo rya Yo, ni umubeshyi. Yego, yego. Bavuga ko yirukana amadayimoni. Bavuga ko babikora. Ntiyashobora kubikora atari kumwe n'Ijambo ry'Imana. Niko Yesu yavuze.

90 Noneho, hanyuma haje Pantekote; Imana yongeye kubunga. Mbega we! Nuko bari mu bumwe n'Imana. Imana yari muri bo. None, Ibyakozwe n'intumwa, niba muri kwandika, Ibyakozwe n'Intumwa 4:32, Bibiliya ivuga ko bose bahuje umutima n'inama n'ibitekerezo. Yoo, mwene Data. Kubera iki? Bariho barongera kugarurwa ku mwimerere. Ikintu kimwe bari basize kandi bari bakwiriye kucyiyambura, wari umujyi ushaje bari batuyemo; umubiri ushaje ari wo mujyi cyangwa se urusengero, aho bari batuye, urwo rukwiye kubora, kubera ko rugomba gupfa maze rukabora. Ariko mu mwuka, ubuzima, mu ntego no mw'iyerekwa kandi no mubisigaye byose, bari hamwe n'Imana.

Yoo, Adamu, inshuti yajye yaciwe intege, ntuzongere kwemera ko satani akubwira ikinyoma cye. Ibyo ntugatume bibaho. Ntukemere ko satani akubwira ko Ijambo ridasobanura icyo rivuga. Ibyo nibyo. Ijambo rishaka kuvuga… yego, ibi sibyo…

91 Nari ndi kuvuga ibirebana n'Umubatizo wo mw'Izina rya Yesu Kristo. Ibyo nibyo, ihishurirwa riraza. Ni ukuri. Ariko ako gatsiko k'abantu kamaze iki? Bashyize ibintu hamwe hariya maze bakora idini; bubatse undi munara wa Babeli, cya kintu kimwe, icyo bakijugunyemo aho imbere. Nta gushidikanya. Luteri na we ni cyo yakoze, Wesileyi na we ni cyo yakoze, John Smith na we niko yakoze, Alexander Campbell na we ni cyo yakoze. Pantekote ni ko yakoze. Imana ikorana n'uwitondera Ijambo rya yo ku giti cye. Integuro Imwe gusa ni ukwireherezaho abizera mu bumwe bw'ukuri, bari kwakira Umwuka Wera. Nuko dore uko…

Muravuga muti, "mbese, mwene Data Branham, navuze mu ndimi, nateye hejuru. Nakoze ibi." Niba ugifite uwo mwuka, kandi ukaba uhakana Ijambo ry'Imana, nta Jambo ry'Imana ufite muri wowe; nta Mwuka ugira. Niwicara maze ukumva Ukuri kubwirizwa, maze ukabigenzura na Bibiliya ukabona ko ari ukuri, maze ntukore ibya ryo, uwo si Umwuka w'Imana. Sinitaye ku nshuro wavuze mu ndimi, inshuro wateye hejuru, umubare w'amatorero wabayemo cyangwa inshuro wabatijwe, cyangwa ikindi cyose. Ijambo rihora ari ukuri. Ni ryo rihamiriza ukuri. Niba ufite uko kuri kundi kose, hanyuma maze hamwe n'Ijambo (amen!), rero murabizi ko muri gusubira imuhira.

92 …Ishobora… ni gute Imana ubwayo yanditse Bibiliya ishobora kugaruka maze ikagira icyo ihindura mw'Ijambo rya Yo? Mwe, Abagatolika mwavuze ko Petero yahambwe mw'itorero ryanyu, kandi umwuka we ukabaha uburenganzira bwo kubabarira ibyaha hamwe n'ibindi, ni gute Petero w'Umuyuda, yashoboraga kwihanganira ibishushanyo mw'itorero? Ni gute Petero yari gushobora kuvuga ko umubatizo w'Umwuka Wera waje, nuko akavuga mu ndimi n'ibintu bikomeye byose yakoze, hanyuma agahindukira akavuga ko abantu bafata karisitiya, kandi ko Imana iri muri karisitiya? Yoo, uko ni uguhinyura, guhinyura kw'umwuka!

Rero, noneho, mwebwe Abaporotestanti, na mwe mukora kimwe na byo. Mugera imbere maze

mukaramutsa umubwiriza, maze mukavuga muti, " Nemeye Yesu nk'Umwami n'Umukiza wanjye bwite." Maze ugasubira yo ukabaho ubuzima butandukanye n'ibyo, kandi ukagenda ukabaho hamwe n'isi. Undi munara wa Babeli.

93 Tugeze kw'iherezo noneho. Mwitegereze. Imana yohereje Umwuka Wera; kandi Umwuka Wera, ni Imana ubwayo. Ni yo izagarura ubumwe hagati y'Imana n'umuntu. Ibyo tubirebe. Rero, reka… none ndashaka ko munkurikira byihariye mu minota itanu cyangwa hafi ya yo. Mwitegereze.

Umuntu igihe yari munsi y'integuro ya satani, yagerageje kugira itorero idini kugira ngo agere ku bumwe. Bagerageje kwigisha itorero ubumwe, ibyo murabizi, binyuze mu kwiga, binyuze mw'idini. Bari no kubigerageza uyu mwanya, Inama y'Isi y'Amadini, iri gukomeza kugerageza guhuza Abagatolika bose n'Abaporotesitanti hamwe ngo bahinduke umwe. Icyo n'iki? Integuro ya satani.

Muravuga muti, "muri bato! kuvuga iyi mvugo." Ndi muto cyane, ariko Ijambo ry'Imana yanjye irakomeye cyane, ibyo ndabibabwiye. Isi n'Ijuru bizashiraho, ariko Ntirizashira. Urivuga si we ngombwa, ahubwo uwarivuze mbere. Njye mvuga gusa icyo yavuze, ndi kwatura Ijambo rye.

Bari munsi y'ubutware bwa satani, biraboneka hano mw'Ijambo n' imbere yanyu iki gitondo, ko ari ibya satani. Buri wese muri ayo mashyirahamwe ni uwe.

Abantu, bijyanye n'integuro ya satani, bagerageza gushyira abantu mw'idini kugira ngo bagere ku bumwe.

94 "Mwese nimuze mwifatanye n'Amatorero y'Imana. Mwifatanye n'Abanyabutatu. Mwifatanye n'itorero ry'Imana. Mwifatanye n'Abametodisite. Twese turi umwe." Mwa gatsiko k'indryarya mwe! Bafite ishusho yo kwera kandi bahakana imbaraga zako. Kandi Ijambo ry'Imana riterewe imbere yanyu, kandi mufite ubwoba bwo guhangana na ryo. Mbese ni kuki Imana itiyerekana, niba mufite Imana? Ni kubera iki mutagaragaza imirimo y'Imana? Ni gute mushobora kugira iyo shusho maze mugahindukira kandi mukarihakana, maze mukita Imirimo y'Imana y'ukuri ko ari Belizebubi? Ibyo byerekana ko muri agatsiko k'abayoboke b'itorero bize. Yesu yaravuze ati, "muri aba so satani" n'ukuri. Nzi neza ko mwumvise icyo nshaka kuvuga. Ntagushidikana. Ni kubera iki nta muntu urirwanya? Muzi ko Imana iri inyuma ya ryo. Imana izajyana n'Ijambo rya yo.

95 Uko niko umuntu akora. Bubaka undi munara wa Babeli. Akora iki? Abantu bagerageza kwerekana… noneho, murebe inama nkuru y'isi y'amadini. Abangilikani, Abagatolika b'Abaroma, Abametosisite, Abaperesyibiteriyani, Abapantekote bose bishyize hamwe, ubumenyi bwa gi Krisito, n'imigenzo myinshi inahakana ivuga ry'umwari, ihakana Ubumana bwa Yesu, imugira abantu batatu, igerageza gusenga Imana mu butatu, ihakana ivuka ry'umwari. Bamwe bahakana amaraso, abandi bahakana ibitangaza byayo, hafi ya bose barabikora. Kandi hanyuma-hanyuma, mugerageza kubahuriza hamwe, ni gute mushobora kugikora? Ni umunara wubatswe n'amaboko y'umuntu. Uzagwa nk'umunara wa Babeli.

96 Ariko Imana yaravuze iti, "Si kubw'imbaraga, n'ububasha ahubwo ni kubw'Umwuka wanjye", niko Uwiteka avuga; niko nziyunga Itorero ryanjye, atari kubw'ishyirahamwe, atari kubw'amashuri, atari kubw'abanyatewolojiya, ahubwo "kubw'Umwuka wanjye, niko Uwiteka avuga, Nzegeranya intama Zanjye." Mbega we! Kandi nuko, iyo abikora habaho iki? Kandi ibimenyetso bye nabyo bizabihamiriza. Uko niko Isiraheli yakavuze, mbere yo kutivanga n'Abamowabu.

Inkingi y'umuriro yari hejuru ya bo. Yego, yego. Izakora iki? Izatanga ibyo bimenyetso bimwe. Ariko, bamaze kwitandukanya n'Imana, batandukanije ubumwe hagati ya bo n'Imana, maze bayoboka mu Bamoabu, nk'abandi bose; kunesha kwabo kuburizwano. Bagumye mu butayu indi myaka mirongo ine, kugeza ubwo Imana yahagurukije irindi tsinda ngo rikomeze aho maze risohoze Integuro Yayo. Icyo rwose ni cyo bakoze.

97 Noneho murebe. Ariko iyo Imana yunze itorero ryayo kubw'Umwuka wayo, abantu bazagira ibimenyetso by'Imana nzima muri bo. Ni ibimenyetso ki? Ubwo Imana yasohoraga Isiraheli mw'Egiputa, Imana yahaye Mose na Isiraheli ikimenyetso cy'Inkingi y'Umuriro. Ibyo nibyo? Umuhanuzi. Igihe yatandukanije Aburahamu na Loti, Malayika umwe yaramusanze, yashoboye kurondora ibitekerezo hamwe n'ibyo umutima we wibwira; ikimenyetso. Haleluya.

Noneho, ayo madini yari yibonekeje mw'itorero, agerageza kunga ubumwe nko muri Egiputa, nka hariya… muri eni, n'ahandi hose; munsi y'uko gukururwa gukomeye, bari…

Ariko dore, ndifuza kubabaza ikibazo, igihe Imana yatandukanyije Isiraheli, yabahaye ikimenyetso ndengakamere, Inkingi y'Umuriro. Yabahaye umuhanuzi. Yakoreye iki Aburahamu? Ihora ikora iki igihe cyose? Munyereke umuhanuzi washyizweho n'Imana hagati muri bo; yunga Itorero rya yo n'intumwa n'abahanuzi n'abigisha n'ababwirizabutumwa, Haleluya. Turi kumwe?. Na none Itorero, nk'uko yahamagariye Isiraheli gusohoka. Nababwiye ko mbigarukaho. Ntagushidikanya. Yego, mugenzi.

Nta muhanuzi muri bo washyizweho n'Imana, Oya, mugenzi, nk'uko byari bimeze kuri Isiraheli hamwe

na bo. Ni ibiki? Umunara wa satani na none.

98 Noneho, Kuza kuregereje, kugaruka kwa Yesu. Ariho arateranya intore Ze. Ibyo ndabyizera. Yoo, batatuурuka iburasirazuba n'iburengerazuba. Aho Umubiri uri, niho ibizu biteranira. Mbega we! N'igiki? Ifite Ubumwe bwayo, Ubumwe bwa yo bw'ukuri, Yiyerekana ubwa yo muri bo; Iriho irasohora intore zayo mu madini yose, mu matorero yose n'ahandi hose, isohora abana bayo, mu murongo w'Ijambo rye. N'iki?

Noneho, kugaruka kwa Yesu kuri hafi cyane, kuza k'urubanza, Ari guhamagara intore Ze hamwe mu bumwe na we, hamwe na bwa bukozi bumwe yahoranye. Murabizi uburyo nabyerekaniye mu bisekuruza by'amatorero, hano, mu gihe gito cyashize, ibyerekeye umu-umunara ukomeye wariho wubakwa, witwaga Piramide, ariko ibuye ry'agasongero ntiriragashyirwa hejuru. Mwibuke uko Abaluteriani baje, hanyuma Abawesileyi, umubare muto, maze birakomeza kugera ku Bapantekote. Kandi icyo Akora ubu, Aragamagara gusohoka mur'ibyo. Yakoze iki? Yahamagariye intore gusohoka ngo zihinduke Abaluteriani, Yahamagariye intore gusohoka mu baluteriani, kugira ngo zihinduke Abawesileyi; Yahamagariye intore gusohoka muri bo kugira ngo habeho Abapantekote; noneho, Ari guhamagarira intore z'Abapantekote gusohoka kugira ngo ibuye ritwikira rimanuke. Ubwoko bumwe bw'ubukozi bwururukira kuri yo, buhamagara abana be mu madini yose, no mu mibereho rusange yose y'ubuzima.

99 Yakozeiki? Yashyize hagati yabo abigisha b'ukuri, abahanuzi b'ukuri bahagarara kw'Ijambo Rye, Bibiliya. “Intama zajye zumva Ijwi rya Jye.” Niko Yesu yavuze. Niba iryo ryari Ijwi Rye rero icyo gihe, ni Ijwi rye iki gihe. Ikintu cyose gitandukanye n'Iryo jwi, si ibiryo by'intama. Iryo ntibazarikurikira. Yoo, Mwene Data! Baturutse iburasirazuba, iburengerazuba mumadini yose, hanze y'amashyirahamwe yose, kugira ngo bateranire

Tuzasangira n'Umwami;

Dusangire nk'abashyitsi be,

Yoo, mbega abasuhuke b'umugisha!

Twitegereza mu maso hera,

Harabagirana urukundo rwa kimana,

Abasangiye imigisha y'ubuntu bwe,

Kugira ngo turabagirane nk'amasaro kw'ikamba rye

Yesu ari hafi kuza,

Ibigeragezo byacu bizaba birangiye. (halaluya.)

Byagenda gute Umwami wacu aje aka kanya,

Kubabohowe ku cyaha?

None se icyo nticyabazanira umunezero,

Agahinda, cyangwa kwiheba gukabije?

Ariko ubwo Umwami wacu azaza mu bwiza,

Tuzamusanganira mu kirere. (halaluya).

Yego, mugenzi wanjye.

100 Icyo n'iki? Abigisha bahamagawe n'Imana bazakomeza kuba indahemuka kw'Ijambo, rigenewe Itorero ry'Ukuri, nta nyuguti n'imwe ikuweho, icyo ishyirahamwe ryavuga cyose. Ntacyo bahuriyeho na ryo. Abahanuzi, si umutizera w'igice, uwiyita, ahubwo umuhanuzi w'ukuri ufite NIKO UWITEKA AVUZE, kandi neza kukadomo buri gihe. Icyo ni cyo yohereza mw'Itorero rye. Ni cyo yavuze ko yajyaga gukora. Yizera Ijambo, atari inyigisho mpimbano, atari imihango, ahubwo Ijambo… kandi kubw'ibyo, yihishurira muri bo, kandi agahamiriza Ijambo rye, akabaho bwa buzima bumwe yigeze kubaho mu kindi gihe, yongera kubaho agasohoza Ijambo ryose. Mbega we!

101 Nimwumve neza. 1 Abakorinto 4:20, havuga ko, “Ubwami bw'Imana si ubw'Amagambo ahubwo nubw'Imbaraga.” Nibanmushaka kubyandika, ni Abakorinto ba mbere 4:20. Ubwami bw'Imana n'Ijambo ry'Imbaraga. Ubwami bw'Imana n'iki? Buri hagati muri mwe. Ubwami bw'Imana muri muri mwe.

Kandi iyo Ijambo ryinjiye aho imbere, iryo Jambo ritangira iki? Rihinduka imbaraga Ryo ubwa ryo, Rigatuma uvuga neza nk'icyo Ryavuze.

Ntushobora kuvuga uti, “rivuga gutya, kandi rivuga ibi” Ngo bitume rikora. Ugomba kuvuga neza

kimwe n'icyo rivuga. Bitera urwijiji. Ntuvuge uti, "mbese, iri hano rirangiritse gato, nzagira amakenga cyane, nzaba mu mwanya mwiza hano."

Mugumane n'Ijambo. Aho riri, murabona? Kandi ritanga imbaraga. "Yesu Kristo, uko yari ejo, n'uyu munsi niko Ari, kandi niko Azahora iteka ryose." Muri mutagatifu Yohana 14:12, Yesu yaravuze ati, "Nimuguma muri Jye, maze Ijambo rya Jye rikaguma muri mwe." Oya, ndisegura, icyo sicyo yavuze aho. "Unyizera imirimo nkora na we azayikora. Ni muguma muri Jye, maze Ijambo rya Jjye rikaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose kandi muzagihabwa. Nimuguma muri Jye, kandi Ijambo ryanjye rikaguma muri mwe."

102 Icyo n'iki? Mugomba guhamanya n'iIjambo, ni mupfe bitunganye. Mpamirijwe ko benshi muri twe, inshuti zanjye, bakiriye Umwuka Wera, ariko gusa twakira Umwuka Wera bihagije muri twe kugira ngo atugeze ubwo tutabasha kubeshya, aho tudashaka kwiba, tudashaka kugira icyo dukora. Ariko Imana irashaka kuzuza buri muyoboro w'Itorero rya yo; Irashaka kuzuza ibitekerezo byanyu; Irashaka kuzuza umwuka wanyu. Irashaka kubuzuza wese, kubagira abapfuye wese byuzuye kuri mwe ubwanyu, cyangwa ku bitekerezo byanyu, ngo mwiyegurire Imana kugeza ubwo Ijambo rya yo Rizaba muri mwe. Mutazi ikindi keretse Ijambo ry'Imana, mugumane gusa n'Ijambo rya Yo; ni Ubuzima. "Ijambo rya Jye n'Ubuzima", niko Yesu yavuze. Yashyize hagati muri bo abigisha, bizera Bibiliya, abahanuzi bavuga ukuri, bavuga kandi berekana ubuhanuzi bumwe nk'ubwo bahoze basohoza mu bisekuruza byose. Yakoze iki? Yigaragaza nk'uriho gahati muri bo, ahamiriza Ijambo rye, Ubwami bw'Imana si amagambo n'Imbaraga.

103 Mu gihe, ayo madini yishingikirije ku guhyira mu gaciro kw'ikiremwa muntu, ku gushyira mu gaciro kw'ikiremwa muntu… Mwumve noneho mwitonze. Ntidukwiriye gushingira ku gushyira mu gaciro kwa kimuntu. Imigani igice cya 3, murongo wa 5, haravuga hati, "we kwishingikiriza ku buhanga bwawe." Murabona? ibyo ntukabikore, uko Ijambo ry'Imana ryaba risa kose.

Muravuga muti, "mbese! Bigaragara neza ko nabyo bisa nk'ibi."

Ibyo ntabwo ariko bisi. Ni Ijambo ry'Imana, rifate uko yarivuze. Eva yaravuze …satani yabwiye Eva ati, "ndabizi ko Imana yavuze, ariko ntibisobanura ibyo. Bisobanura gutya." Maze arabyizera. Yarabyizeye. Ibyo byaciyemo ubumwe, ibyo byaciyemo ubusabane, ibyo bicamo ubumwe, ibyo bicamo isi, ibyo bicamo ubuzima, ibyo bicamo byose.

Kandi iyo umuntu umwe ashidikanyije kw'Ijambo ry'Ijambo ry'Imana, ibyo bisenya ubusabane bwose hamwe n'ibindi byose. Ni ukuri. Turaryizera cyangwa ntituryizera. Reka tugumane na ryo. Imana yarabivuze tugumane na ryo. Nkwiriye kugira byinshi nsimbuka hano, kuko igihe cyamaze kurenga.

104 Ni nk'igihe cyashize, kera ubwo umuntu yakoraga iki kintu, icyo cyazanaga urubanza rw'Imana kw'isi. Umunara wa Babeli hamwe n'ubumwe bw'abana ba Kayini n'abana ba Seti bazanye urubanza. Igihe cyose bizana urubanza kw'isi. Murabona? Yoo, ubumwe bw'ukuri hamwe na Yo buzazamuka mu rubanza, hejuru yarwo, nka Nowa, niko we n'umuryango we bazamuwe hejuru yarwo. Umukiranutsi Nowa niko umuryango we baciye hejuru y'urubanza. Bakoze iki? Bagiye…

Mwene Data Le Vayle, niba ibi ushobora kubyumva, ngibi. Ni cyo kibazo kimwe tutumvikana ho; yizera ko Itorero rizanyura mu rubanza. Ibyo simbibona. Ibyo simbyizera.

Nowa ntiyigeze anyura mu rubanza, yanyuze hejuru y'urubanza. Aburahamu ntiyigeze amenya umuriro; yari hanze y'umuriro. Isiraheli ntiyari mu rubanza rwa Isiraheli, yari yatandukanijwe n'umuriro w'urubanza. Itorero rizareremba hejuru y'urubanza, mu nkuge y'Umwuka Wera, irihejuru ikuwe mw'isi.

105 Iyi gahunda y'Inama y'Amadini ntakindi iri cyo usibye gusa- gereza y'umwari w'umupfapfa kugira ngo asigare hano kw'isi, ngo ahitemo antikristo. Ariko Itorero ry'ukuri ry'Imana rizareremba nk'umusaza Nowa maze rijye mu bwiza nk'uko mpagaze hano. Niyo mpamvu Iri kubahuriza hamwe. Icyo ni cyo Ijwi ritangaza uyu munsi, ni cyo Imana iriho ikora, irahuza umwe uturuka Los Angeles, hamw n'undi uturuka i Philadelifia, n'undi uturuka i Georgiya, n'abandi. Irabahuriza hamwe, abantu ba Yo, bafite ubushake bwo kwizera Ijambo ry'Imana nzima. "Nk'uko byari mu minsi ya Nowa, niko bizamera mu kuza k'Umwana w'Umuntu, ubwo hakize abantu bake, umubare muke gusa." Ni byiza cyane, Inkuge yacu y'Umwuka Wera izareremba hejuru y'urubanza rw'Imana, 'kubera ko twamaze gucirwa urubanza tumaze kwatura Yesu, maze ajyana urubanza rwacu.

106 Ayo madini, none, y'intagondwa cyane, ameze nka Eva, yashakaga ubuhanga bwe hatitawe ku cyo Ijambo ry'Imana ryavuze. Nimurodi yashatse kugira umunara we, byaba bihuye n'Ijambo ry'Imana cyangwa bidahuye. Bari intagondwa ! Eva yaramenye neza. Seti yasobanukiwe neza kugira ngo afatwe n'abagore beza. Isiraheli yari yamenye cyane kugira ngo igwe mu busambanyi. Namwe. Ariko bamwe bari intagondwa, uko ibintu byaba kose ari ibyanditswe cyangwa atari byo. "Imana ihabwe umugisha, mama yari Umuperesibyteriani ! ngiye kumuba na jye." Mukomeze, mukomeze n'icyo mushoboye cyose muri uwo mwanya. Imana igirire imbabazi ubugingo bwanyu bw'icyaha. Ni gute mugiye kubihunga, mu gihe muzi ko ari ukuri ? Kandi niba mubona Ijambo ry'Imana maze mugakoza kutizera ko ari Ukuri, nuko rero, mufite

ikibazo mu kurondora kwanyu k'umwuka, ibyo n'ukuri gutunganye. Muterere amaso mu mahanga yose, maze murebe aho ibyo bintu biri gushyika. Turi mugihe cya nyuma, nshuti zanye.

Twigeze tuzenguruka ibisekuruza by'itorero, kugira ngo tumenye ibigiye kubaho mu gisekuruza cya Laodikiya? Turi mu gihe cya nyuma.

107 Imana iri guhuza intore zituruka mu miyaga ine y'Isi. Yaravuze ko yajyaga kohereza abamalayika ngo bahuze. Ese nibyo ? Kubahuriza hamwe, kubatandukanya n'urukungu. Urukungu ruzatwikwa, si imbuto. Nibyo.

Ariko, ni intagondwa cyane, byabaho cyangwa ntibibabeho, ibyo ntacyo bihindura. Yoo!

Ariko Imana yahisemo bamwe bategetswe gusohoka hagati ya bo. "Nimwitandukanye!" Niko Imana ivuga, "kandi nanjye nzabakira." Ntimukore ku kintu cy'isi nanjye nzababera So, cyangwa Imana, kandi Muzaba Abahungu n'Abakobwa ba Jye. Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye, ahubwo musohoke muri bo." Imana irashaka gutandukana n'isi, irashaka kugirana ubumwe na mwe ubwayo. Kandi nta nteguro y'umuntu y'ishyirahamwe, y'idini, cyangwa insobanuro y'umuntu bizakomera. Uretse Imana yonyine, Umwuka Wera muri mwe, kugira ngo abahuze n'Imana. Ni gute mumenya ko muwufite? Umwuka Wera wanditse Ijambo, azahamiriza Ijambo ryose, kandi ibintu bimwe Umwuka wera yakoze mw'Isezerano rya kera, azabikora mw'Isezerano rishya ; izabikora iki gihe, kubera ko Yesu Kritso uko yari ejo, niko ari n'uyu munsi, kandi niko Azahora iteka ryose. Kandi ntimuri bamwe mu mashyirahamwe no mw'isi. Ntimuri umwe nabo. Ntimube umwe nabo, ahubwo musohoke hagati yabo. Muri umwe na Kristo, Amen. Umwe ku Mwami Yesu Kirisito.

108 Bibiliya ivuga iti, "Mu minsi ya nyuma, hazabaho amatorero, undi munara wa Babeli. Bazagira ishusho yo kwera, ariko bahakane Ijambo ry'Imana n'Imbaraga, Imbaraga z'Ijambo rya Yo. Kandi Ijambo ni iki? Ubwami bw'Imana n'iki? Dukwiriye kuba mu Bwami, mbere yo kwigera tuba ibisonga by'Umwami. Ni bangahe ibyo babizi, muvuge muti, Amen." Mbese, ni gute twinjira mu Bwami? Ubwami bw'Imana, ni Ijambo ry'Imana rihinduka Imbaraga (amen), rihinduka imbaraga, rikeza icyaha, rigatanga ibimenyetso. Ibimenyetso bihe? Niba ari Ijambo rimwe ryasohoye Mose, rizatanga ikimenyetso kimwe.

Ikintu kimwe cyatandukanije akazuyazi Loti …..noneho,turabizi ko Loti yari akazuyazi; kandi Yesu yavuze ko kizaba ikimenyetso cy'ibihe bya nyuma. Loti yari akazuyazi yicaye aho, yari umunyini, ntagushidikanya, we hamwe n'umugore we. Kandi babarizwaga mu matsinda yose kandi yari umukuru w'umujyi, kandi yoo! Hariho ibintu byinshi byababaga biri kuba. Yari umunyini cyane. Yashoboraga gususurutsa abavugabutumwa kandi n'abari aho bose, ni uko rwose yari ameze. Ariko, yoo, mwene Data, ntiyari iyo ntore.

109 Reba icyabaye! Kubera iki? Imana imwe yatandukanije maze igasanga Aburahamu kugira ngo imwereke ikimenyetso cyo gutandukana kwe… hum! Yo Mana! Uko nifuza ku… ndifuza ko nabasha kugira icyo nkora ngo mbibereke. Imana yeretse Aburahamu, igihe cyo kuba yari yitandukanije, yamweretse igihamya cy'Ukuri. Yuko yari kumwe na we kandi hagati muri we. Kandi Yesu yavuze ko bizabaho no mu minsi ya nyuma. Aburahamu ntiyari ihanga, yari umubare muke. Ariko Imana yari kumwe na we. Rero, yari yatandukanye. Dutegetswe kwitandukanya muri iyi minsi ya nyuma.

Kandi niba Imana yarahaye Mose ikimenyetso, kuri Isiraheli, umuhanuzi wasizwe, inkingi y'Umuriro, yahaye Aburahamu ikimenyetso. Yahaye Isiraheli ikimeyetso. Yahaye abigishwa ikimenyetso. Ikimenyetso kimwe, igihe cyose ikimenyetso kimwe, Inkingi y'Umuriro.

Pawulo, ubwo yari munzira agana i Damasiko, Inkingi y'umuriro yaramutunguye imbere ye, ndetse yamuhumye amaso, agwa hasi apfukamye. Nta muntu wayibonye. Abari bamukikije, ntibayibonye. Maze Ijwi ryaravuze riti, "Sawuli, ni kuki undenganya?

Yaravuze ati, "uri nde, Mwami?

Yaravuze ati, " Ndi Yesu.»Ikimenyetso…. Kandi yari inde? Intumwa kubanyamahanga. Amen.

110 Turi mubihe bya nyuma, turava Iburasirazuba n'Iburengerazuba, amajyaruguru n'amajyepfo. Turakora iki? Kwitegura kuzamurwa; twitegura kugira… twiyegeranya ubwacu mu minota mike kugeza ubwo umuyoboro wose wuzuzwa Umwuka Wera. Hanyuma azazamurwa. Mbega we! Iri guhuriza Abantu bayo kuri Yo, mu bumwe bw'ukuri hamwe na Yo, kuko ni Umwuka wayo ubwayo. "Twese twabatirijwe, mu Mwuka umwe, kugira ngo duhinduke Umubiri umwe, twese mu mubiri wa Yesu Kristo." Kandi Yesu Kristo, abaho mu mwuka we mu mibiri yacu, yita kw'Itorero kandi akora ibintu bimwe n'ibyo yakoze…. Nk'ikimenyetso, ibendera kw'isi, ko turi mu minsi ya nyuma, twitegure Izamurwa. YoO, ndamukunda, namwe ni uko?

111 Mfite igitabo hano, ariko sinshobora kugikoresha, twarengeje igihe. Nshobora kugifata ikindi gihe.

Turi kw'iherezo. Ubumwe…. Ese muri umwe n'Imana? Ni uko mugomba kumera. Yego, tugomba kuba

umwe nayo kugeza ubwo… ibitekerezo byari muri Kristo biba muri mwe. Hanyuma Kristo, ibitekerezo bye muri mwe, muzamenya Ijambo ryose Yanditse. Umwuka Wera warabikoze mu ntumwa, ariho agabura icyanditswe, icy'ukuri, murabona? Umwuka Wera. Niba ari uw'Ukuri, rero, azahamya ibyo, akore ikimenyetso kimwe cyo yahaye Mose, ikimenyetso kimwe cyo yahaye Aburahamu, ikimenyetso kimwe cyo yahamirije kubwa Kristo, ikimenyetso kimwe cyo Yasohoje kuri Pawulo. Turi mu bihe bya nyuma. Yavuze ko ibyo byegereje. Turi mu bihe bya byuma. Itorero, rusange, riri kujya hamwe mu bumwe, rimwe hano irindi hariya, ryiyunga.

Yaravuze ati, "Ababiri bazaba bari mu murima, nzajyana umwe.»Umwe. Reba, "Babiri mu murima," ibyo ni ku manywa, mu gusarura, "nzajyana umwe, nsige undi. Hazaba ababiri mu buriri," Urundi ruhande rw'isi. "nzajyana umwe, undi asigare," mu kuza k'umwana w'Umuntu, kandi riregereje cyane, hafi mu kanya gato.

112 Sigaho! Sigaho! Adamu! Adamu! Eva, Adamu, reka ngukobe, ntuzongere gutegera amatwi satani ukundi. Gumana n'Ijambo ry'Imana, ni NIKO UWITEKA AVUZE. Gumana n'Ijambo rye. Gutandukana na ryo n'ugucamo ubusabane hamwe n'Imana, Ubumwe n'Imana kubw'Umwuka Wera. Rero, niba uvuga ko wakiriye Umwuka Wera maze ibyo ntibihuze n'Ijambo, ubwo nturi mu bumwe hamwe n'Imana

Ubu ni ubumwe bw'Imana, ni igihe mu-u-umwuka mufite, uhamanya n'iri Jambo, kandi akagaragaza iryo Jambo maze Agahindura iryo Jambo imbaraga kugira ngo Rikore mu buryo bumwe ryakoze ikindi gihe.

Tubivugire hamwe twese. Ubumwe hamwe n'Imana ni ukugira Umwuka w'Imana muri mwe, ahamanya n'Ijambo, Ijambo ryose, Ijambo ry'umwuzuro, no kugira ngoryigaragazwe mu mbaraga.

Murahari ? ubwo nibwo bumwe bw'Imana. Izo mbaraga iyo zikoreye muri njye, zigakora muri mwe, duhinduka umwe. Amen. Mwene Data Kid, iyo imbaraga z'Umwuka Wera ziri muri jye zikora muri mwe, ntamivurungano, Ijambo riba rihari. Rirakora. Amen. Utuma rikora icyo riri cyo; Ni Imana yambara umubiri muri mwe kubw'Ijambo. Ijambo ryahindutse Imbaraga hagati yanyu, Ijambo ryose.

113 Noneho, mwibuke, satani afata Ijambo, iryo Jambo hafi kuzura Mirongo icyenda n'icyenda n'ibice mirongo icyenda n'icyenda ya ryo. Inshuro mirongo icyenda n'icyenda kw'Ijana y'iryo jana, azakora icy'ukuri cyose, ariko hanyuma asimbuke hano, kandi icyo nicyo gitera urupfu uwo mwanya. Ibyo bicamo umurunga maze mukagwa.

Ijambo ryose. Yesu yavuze iki? "Umuntu ntazatungwa n'umutsima gusa, ahubwo na buri Jambo" ntazatungwa n'amagambo amwe y'Imana, si mirongo icyenda n'icyenda kw'Ijana by'Ijambo ry'Imana. Ahubwo na buri Jambo risohoka mu kanwa k'Imana, ibyo ni byo bizatunga umuntu.

Satani yamujyanye ku mpinga maze aravuga ati, "Haranditswe!" Murabona, ni bimwe n'ibyo yabwiye Eva, "Haranditswe ngo ! Haranditswe ngo !"

Yesu yaravuze ati, "Kandi haranditswe ngo" Yaravuze ati, "haranditswe ngo 'Izagutegekera abamalayika bakwiteho.' Ni Bibiliya ibivuga." ni Umuhungu w'intiti. "haranditswe ngo 'Izagutegekera abamalayika bakwiteho kandi bazakuramira mu biganza byabo, kugira ngo udakubita ikirenge kw'ibuye.'"

Yaravuze ati, "kandi haranditswe ngo 'ntukagerageze Uwiteka Imana yawe.'"

114 Abantu bavuga bati "dufite Icyanditswe," Ibyakozwe n'intumwa 19, "twabatijwe umubatizo wa Yohana."

Pawulo yari afite ikindi kintu, yaravuze ati, "ibyo ntacyo bikimaze." Murabona? "Yohana yabatijwe gusa. Ntiyahinyuye ijambo rya Yohana. Yaravuze ati, "nzababwira icyo Yohana yavuze. Yohana yavuze ko yabatije umubatizo wo kwihana, atari uwo kubabarirwa ibyaha." Igitambo nticyari cyagatambwe, murabona. Yavuze ati, "Yabatije umubatizo wo kwihana, avuga ko mugomba kwizera ugomba kuza hanyuma ye" nuko ubwo bumvaga ibi, babatijwe mw'Izina ry'Umwami Yesu Kristo. Pawulo, yuzuye Ijambo, yabarambitseho ibiganza. Batangira guhanura, bavuga mu ndimi, Bahimbaza Imana, kandi mbega igihe. Mbega we! Mbega uko bari Itorero ry'abantu benshi? Cumi na babiri. Yego. Yoo, Imana ntikorana n'umubare munini. Ikorana n'imitima imenetse. Mureke tugire uwo mutima. Muramukunda? Dusenge.

115 Yoo, Bakundwa banjye bajarajara, mwigeze mureba abakobwa b'Abamowabu cyangwa se mwigeze mureba abakobwa (ndiho mvga amatorero) ba Kayini; kugeza ubwo bagiye kure y'Ijambo? Bene Data b'igiciro, mwigeze muburirwa ko mu minsi ya nyuma ibyo bintu bigomba gushyika? Mwigeze muburirwa mu minsi yashize ibyerekeye uko Ijambo ry'Imana riri gusohora? Uko ububyutse bwigeze gutangira igihe kimwe, ko bwazimijwe, kandi ko nta bindi byinshi bisigaye? Icyo ni iki? Ni umutuzo mbere y'umugengeri. Imanza ziriteguye. Ibyo mwari mubyiteze? Mwigeze mugereranya ibyanditswe ku bindi byanditswe, Ijambo rya Bibiliya hamwe n'Ijambo rya Bibiliya, igihamya hamwe n'ikindi gihamya? Mwigeze mugereranya Ijambo rya Yesu iryo Yavuze yuko satani mu minsi ya nyuma azaba ari hafi gusa n'ukuri, ko azayobya, iyo bijya gushoboka, buri muntu, usibye intore, Abatoranijwe.? Mubitekereze! iyo myigishirize y'Umwuka, ijya gusa! "Yoo, Twizera Umwuka Wera, Imana ihabwe umugisha iteka ryose, twakiriye Umwuka Wera, tuvuga

mu ndimi.” Kandi bagahindukira bahakana Ijambo? Murabona? Bazayobya n'intore, iyo bijya gushoboka.

116 Niba hano, hari udatunganiye Imana, niba hano hari urwaye cyangwa ubabaye… Hari udutambaro n'ibindi birambitse hano, ngiye kubisengera. Icyo mwaba mukeneye cyose. Amasezeran yose yo Mugitabo ni ayanyu.

Noneho, nabazaniye Ijambo, nahereyeko ndibazanira mpereye mw'Itangiriro kugeza uyu munsi turimo, nkubita hirya no hino maze ndabereka. . Nakabaye nafashe amagana y'ibyo, nta gihe nsigaranye. Ariko , ibyerekeye ibyo, mushobor a kubona yuko iyi migambo y'ishyirahamwe, iri kuruhande. Ni imyumvire ya satani, yo kugerageza guhuza abantu mu bumwe bw'umwuka wabo bwite hamwe n'intekerezo zabo bwite, mu gihe Umwuka wera uduhuza n'Imana ngo tube umwe. Kandi Umwuka wera uhamanya n'Ijambo ry'Imana. Murabona, Bibiliya yaravuze… Yesu yaravuze yuko ibyo banabyatura, murabona, “Kuyobya n'intore iyo bijya gushoboka.” Murabona aho duhagaze?

117 Nuko, rero mwakirane iri Jambo ry'Imana ukuboko ko kwizera. Mukeneye iki muri iki gitondo? Mukeneye umubatizo w'amazi mw'Izina rya Yesu Kristo? Yorodani irakinguye. Mukeneye umubatizo w'Umwuka Wera? Ari kugerageza guca inzira muri mwe. Mukeneye gukira kwa kimana? Rero, Umwuka Wera ubwe, Ijambo ryahindutse imbaraga, riri hano uyu mwanya, za mbaraga zo kurondora ziriho n'ubu zireba abateraniye hano bose uyu mwanya, kandi zireba uyu Mucyo uhindukira hose nk'igicucu.. Nari nigera mbabwira icyo ari cyo cyose cy'ikinyoma? Nari nigera?

Nk'uko umuhanuzi yabwiye Isiraheli mbere yuko bahitamo umuntu wo kubabera umwami, yaravuze ati, “Nari nigera mbabwira ikintu… Nigeze mbishyuza amafaranga yanyu? Nari nigera nza ngo mbasabe amafaranga hanyuma ngo ngende nture mu miturirwa ikomeye no kubaka ibintu binini bikomeye maze ngo mbatware amafaranga? Nigeze mbasaba igihembo? ”ntibyigeze bibaho‟

Nari nigera ngira icyo mbabwira mw'Izina ry'Umwami ngo maze Imana ntigisohoze? Nari navuga mw'Izina rye ntibishyike? Nari nigera mbabwira iyerekwa imbere y'iteraniro ngo maze uwo umuntu ntahaguruke, w'umunyamahanya cyangwa icyo yaba cyose, ntabe yaravuze ati, “ibyo ni ukuri?” nari nigera mbabwira ikinyoma? Nuko mureke mbabwire noneho, NIKO UWITEKA AVUZE, mwakire Umwuka Wera, Umwuka uzashyira mu biganza byo kwizera Ijambo ry'Imana, maze ukanyeganyega. Ubwami bwose ni ubwanyu. Ni ubwanyu, bana ba Jjye.

118 Ni kuki Mwaturutse i Georgia, na hose mu gihugu, kuva Ohio, kuva Kansas, ahantu hose, kugira ngo mukore amateraniro matoya? Ndatekereza ko gufata amajwi byahagaze noneho, reka mvuge gutya. Murabona? Kuki mwaje aka kageni? N'iki gituma mubikora? N'ibiki? Ndabona abantu hano baturuka muri Arkansas, guturuka muri mayiro amagana kureba.

Ijoro ryashize, nkigera mu Mujyi wa Kansas, Umuvandimwe muto w'Umunyapolonye ahagaze hariya, yaje, ayobowe, avuga ati, “Mwene Data Branam, Kuva nakumva bwa mbere bakuvuga hariya muri Canada, hashize imyaka myinshi, ibyo wabonye n'ibyo wakoze, narabigenzuye impande zombi, imbere n'inyuma, hasi no hejuru,” arongera ati, “nta na kimwe muri byo kitari ukuri.” Mu kuri, yari umunyapolonye w'umugatorika, kandi reba ko yaje hano, gufata ama bande, ngo agenze azumve, kubwo kwemeza abatavuga rumwe. Ababwirizabutumwa bari bakwiye kuba hamwe na jye, badufasha, ariko bahakana igitera Imbaraga, guhakana Ukuri kw'Ijambo, kandi bakatura ko bafite Umwuka Wera.

Sinari nigera ubwa jye niyita umuhanuzi, ahubwo ni mwe mubikora, none ubwo Ijambo ry'Umwami rituruka he? Ni gute tumenya yuko ari ukuri cyangwa atari ukuri nta kintu kirishyigikiye? Iryo ni Ijambo ry'Imana, Ijambo ryanditswe. Nuko mbese, niba Ijambo ryanditswe ryarashyigikiwe, nuko rero ni Imana iba igendera muri iryo Jambo igatuma iryo Jambo riba ukuri. Pawulo yaravuze ati, “munyigane nk'uko nigana Kristo.”

119 Noneho, niba mukeneye Imana kubw'uburwayi bwanyu, kubw'agakiza kanyu, yuko… cyangwa kwiyambura abagore bamwe muri mwe, batagiriwe ubuntu buhagije bwo kureka imisatsi yanyu ngo ikure, abagabo bamwe muri mwe batagiriwe ubuntu buhagije bwo kureka kunywa amatabi, ababwiriza bamwe muri mwe batagiriwe ubuntu buhagije bwo kwakira ukuri kw'umubatizo w'amazi mw'Izina rya Yesu Kristo, abarwayi bamwe muri mwe barwaye kandi begereje urupfu, ni kubera iki mutakiriye Iri Jambo muri iki gitondo? Ndabihamije noneho, ryambaye umubiri muri twe! Akira iryo Jambo mu kiganza cyawe.

Dore ifoto ya Malayika w'Uwiteka, imanitse hariya, imwe yayoboye abana b'Isiraheli, imwe yahuye na Pawulo, imwe yari muri Kristo. Kandi Umwuka wera umwe uri muri mwe, ubagira umwe. Ni iki gitera imitima yacu yose gukururwa kandi duturuka muri za kilometero amagana ? Nta na kimwe kiri mu gihugu kimeze nka wo. Abantu barasanza Ijambo.

120 “Hari isoko yuzuye amaraso,

Iva mu mitsi ya Emmanueli,

Aho abatizera bibira mu kidendezi,

Inenge yose yo gukiranirwa ikabavaho.

Uhereye, kubwo kwizera.

Nabonye, uwo mugezi utemba amaraso,

ava mu bikomere byawe……

121 Data wa twese uri mw'Ijuru, reba udutambara turambitse hano n'uturindantoki hano, bashobora kubyohereza ku modoka. Sinzi uwabirambitse hano, ari Billy, ari abari hano. Gusa ndumva nyobowe gukora ibi nonaha, Mwami. Ntakiri mu biganza byanjye, ntakiri muri njye nk'umuntu. Sinakwishingira ku myumvire yanjye nk'umuntu. Sinzi impamvu bimeze gutya, ariko nkurijike icyo wavuze uti, " bakoraga udutambara n'amataburiya byakoze kuri Pawuko maze imyuka mibi igasohoka mu bantu." Si uko yari umuntu ukomeye, n'uko Imana yari hamwe na we, mw'Ijambo no mu mbaraga. Kandi ntiyigeze abaza intumwa ahubwo yaje kubona ko ubwo bahuye yuko Ubutumwa bumwe, ishusho imwe y'umubatizo, ibintu byose bimwe bakoraga, bari bihuje neza neza.

122 Noneho Mwami, ndagusaba gukiza aba banyu bicyubahiro bakwizeye. Abicaye muri iki cyumba, bakize Mwami. Kugira ngo ukwizera kwabo kubashe kuzamuka gusa maze basobanukirwe iri Jambo noneho maze bavuze bati, "Kibyimba, wa ndwara we, satani , ni byiza ko mugenda; ndatema nkoresha Inkota y'Imana. Ndizera, kwizera kwanjye kurashikamye; ndasogota cyane. Mvira mu nzira. Mpagurutse mu byicaro byanjye, ngo mererwe neza" "ndambitse ibiganza byanjye kuri data, kuri mushiki wanjye, ku mwana wanjye, ku muturanyi wanjye. Ijambo ryawe ni ukuri. Ndi mu bumwe na we. Imirimo wavuze ko wakoze, natwe turayikoze. Yo, Uwiteka Imana, nizera Ijambo ryose. Kandi ndajya mbere, ndakomeje ngo ibyo mbisabe, ngo byakire iki gitondo."

123 Yo, Mana, nk'uko ntekereza igihe itorero ryari mu rugendo, ubwo Mose yagize ubwoba hariya ku nyanja, maze agatangira gutakira Uwiteka, maze Uwiteka aramubwira ati, " ni kuki untakira? Ni iki kiguteye kuntakira? Vuga maze ukomeze imbere! Sinagutumye ku murimo? Vuga." Kuvuga iki? Ijambo ry'Imana. "Riri muri wowe. vuga kandi ujye imbere ukomeze. Wintakira. komeza ujye imbere."

Kandi, Mwami, Mana, ndaje mw'Izina ry'Umwami Yesu. Nzanye iyi Nkota yo kwizera, ntabariza ubumwe bw'Imana n'umuntu kubw'Umwuka Wera, binyuze mu mbabazi n'igitambo cya Yesu Kristo, Umwana Wa yo. Ndwanyije, umwuka mubi wose ugenga buri wese muri iyi nyubako, yaba umuhungu cyangwa umukobwa, umugabo cyangwa umugore. Ndarwanya uburwayi bwose. Ndarwanya kutizera kose. Ndarwanya ubwoba bwose. Ndarwanya ikidaturutse ku Mana cyose, sohoka muri aba bicaye hano mw'Izina rya Yesu Kristo! Sohoka muri aba bicaye hano, , kugira ngo tubashe kuba umwe n'Imana no gushobora gukorera Imana nta burwayi cyangwa ubwoba. Imbaraga zatugize umwe n'Imana…Ni gute iyo dayimoni yajwigira mu basizwe? Ni gute iyo dayimoni, ihagarara aho, maze ikajwigira nka Goliyati? Ubwo Dawidi yazaga ku rugerero, akavuga ati, "Ni gute mwareka uwo mutakebwe w'Umufirisitiya ko asuzigura ingabo z'Imana Nzima?"

Yoo, Mana, reka umugabo n'umugore wese akomere mu mbaraga z'Umwuka. Reka abatarahindutse, ayo madayimoni yo kwiheba, yoretse inyoko muntu mu bisekuruza byose, ari hano, asuzugura Itorero ry'Imana nzima? Satani, sohoka, uhunge, mw'Izina rya Yesu Kritso.!

124 Noneho, mwe mufite imbaraga zihagije zo gukoresha Inkota, noneho mukwiriye gusobanukirwa bihagije mw'Ijambo ry'Imana kugira ngo murwanire umutungo wanyu bwite, mwe mushobora none gufata Ijambo ry'Imana mu biganza byanyu, murifatane ikiganza cyo kwizera, maze muvuge muti, "Ndi kuruhande rw'Umwami. Nzaba umwe n'Imana, nzafata Iyi nkota y'Umwuka muri iri Jambo, kandi nzatema satani ku masezerano yose Imana yansezeranije."

Niba mwizeye ibyo n'umutima wanyu wose, nanjye rero mbasabye maramaje n'umutima wanjye wose mw'Izina rya Yesu Kristo, guhaguruka maze mukabyakira. Murakomeje? Muramaramaje? Ijambo riri mu biganza byanyu? Ibiganza byanyu ni ukwizera kwanyu? Muzamurire amaboko asanzwe Imana, muvuge muti, "Mana, kubera ibi, kubera ikiganza cyanjye kizamuwe, neguriye ubuzima bwanjye bwose. Neguriye ubugingo bwanjye, neguriye ibitekerezo byanjye, ibintu byose mbyeguriye Ijambo ry'Imana. Umwuka wera afate kwizera kwanjye uyu mwanya maze anshikirize. Nkuraho gushidikanya kose. Kandi kubwo kwizera nakiriye isezerano muri uyu mwanya…"

Niba mubyizete muvuge uti, "Amen" noneho. Mwongere muvuge muti "Amen." Rero, niba mumaramaje mu mitima yanyu, mw'Izina rya Yesu kristo, mbasezeranije ko muhabwa icyo musabye. Amen, ibyo mubyizere n'imitima yanyu yose. Imana iguhe Umugisha! Mwene Data Neville.

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7